



International Islamic Federation
of Student Organizations

AMATEGEKO Y'IGISIBO

أحكام الصيام

باللغة الراوندية

I. I. F. S. O.

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

AMATEGEKO Y'IGISIBO

Cyanditswe mu rurimi rw'igifaransa:
“LES PRECEPTES DU JEÛNE”
n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ib-
wiriza butumwa bwa Islamu A.M.A.I.
w'i Tripoli muri Jamahiriya ya
Libiya.

Ishami rishinzwe Ibwiriza butumwa bwa Islamu mu Biro
Bikuru by'Umuryango w'Abayisumu mu Rwanda.

A.MU.R.
B.P. 594 TEL.: 7 3106
K I G A L I.

Uburenganzira bwo gukoporora iki gitabo, kugicapisha
no kugikwiza mu basomyi, bugengwa n'Iburo Bikuru bya
A.MU.R.

Abafashije uwagisobanuye mu rurimi rw'ikinyarwanda
ni:

Sheikh KALIBUHUNDE Shaaban
na Sheikh SHYIRAKERA Khamis (Luqman).
Gicapishijwe bwa mbere muw'1994 n'umuryahgo
mpvzamahanga wamahuriro y'urubyiruko
rw'abanyeshuri: b'abayisumu I.I.F.O ibisobanviro
bazakuri: Tel: 4915122 - 4920033.
Kiboneka mu Biro Bikuru bya A.MU.R.

Cyacapishijwe mu Capiro...

- Ku abavandimwe banjye bose muri Islamu bamenya amaraso yabo kubera guharanira ukuri n'Ubutabera.
- Ku ababyeyi bacu b'abanyamurava badahwema kwigisha abana babo imico myiza ya kiislamu. No ku abakiri bato bose bayobotse bakereka ababyeyi babo inzira y'ubuyobohe.
- Ku abantu bose badatinya uwo ariwe wese mu guharanira inzira y'Imana.

IBIRIMO

IRIBULIRO	urup.	7- 8
UKO IGISIBO KIVUGWA MURI		
QUORAN	urup.	9-10
INTANGIRIRO	urup.	11-19
GUSIBA BIVUZE IKI?	urup.	21-22
IGISIBO MBERE Y'UBUYISLAMU	urup.	23-25
AMWE MU MOKO Y'IGISIBO	urup.	27-32
ITEGEKO RY'IGISIBO	urup.	33-34
IGISIBO CYATEGETSWE RYARI?	urup.	35
IGISIBO GITANGIRA RYARI?	urup.	37-38
UMUNSI WO GUSHIDIKANYA	urup.	39-40
IGIHE IGISIBO KIMARA	urup.	41-44
IKIBAZO KW'IBONEKA		
RY'UKWEZI	urup.	45-48
NINDE UTEGETSWE GUSIBA?	urup.	49-57
IBIGIZE IGISIBO	urup.	59-60
IBITUMA IGISIBO CYANGIRIKA.	urup.	61-63
ICYIRU CY'IGISIBO (KAFFARA)	urup.	65-66
IGISIBO CYO KWISHYURA		
GIKORWA (AL-QADHA)	urup.	67-68
IBIBAZO BIBONEKA MU GISIBO.	urup.	69-72
IGISIBO GIKWIYE (CYUZUYE)	urup.	73-78
IGISIBO GITEGETSWE		
(CYEMEWE)	urup.	79-83
IGISIBO KIBUJIJWE	urup.	85-87

IGISIBO MU MVUGO Y'INTUMWA	
Y'IMANA -I,I,A,U-	urup. 89-91
UKO IGISIBO KIVUGWA MU MATEKA	
(Y'UBUYISLAMU)	urup. 93-95
ISENGESHO MPAGAZI (SALAT	
AL-QIYAM)	urup. 97-99
UMWIHERERO WO GUSENGA MU	
MUSIGITI (AL L'ITIQAF)	urup. 101-104
IJORO RY'UBUGABE (LAYLAT	
UL AL-QADRI)	urup. 105-108
ITURO RYO KURANGIZA IGISIBO	
(ZAKAT AL-FITRI)	urup. 109-111
UKO ITURO RYA FITRI	
RITANGWA	urup. 113-116
ISENGESHO RY'UMUNSI MUKURU WO	
GUSIBURUKA (SALAT EID	
AL FITRI)	urup. 117-121
UMUSOZO	urup. 123-125

BISMILLAHİ RAHMAN RAHYM

IRIBULIRO

Gushimwa no gusingizwa ni iby' Imana Nyagasani yatumanuriye Quoran mu Kwezi Gutagatifu kwa Ramadhani ngo itubere ubuyobozi n'ikimenyetso kigaragara cy'ubuyobozi bw'Itegeko.

Amahoro n'imigisha y'Imana bihore ku Ntumwa yayo Muhammad mwene Abdallah, ku muryango we no ku basangirangendo be hamwe no ku bazakurikiza inyigisho ze kugeza ku munsu w'Imperuka.

Ku bushobozi bw'Imana, Ubuyobozi Bukuru bw'Umuryango w'Abayisumu mu Rwanda -A.MU.R- bwishimiye kubagezaho iki gitabo gikubiyemo amategeko n'amabwiriza y'igisibo mu rurimi rw'ikinyarwanda. Ishami rishinzwe ibwirizabutumwa bwa Isumu (Dâ'awah) mu Biro Bikuru by'Umuryango ryagisobanuye ari mu rwego rwo kubahiriza icyifuzo cy'abayisumu benshi bafite inyota yo gushaka ubumenyi bw'idini n'abayisumukazi).

Ibitabo byinshi byigisha idini rya Isumu biba byanditse mu ndimi zitavugwa cyangwa ngo zibe zikoreshwa n'abanyarwanda benshi, akaba ariyo mpamvu Ubuyobozi Bukuru bw'Umuryango wanyu A.MU.R bwihaye intego yo kugenda busobanura mu rurimi rw'ikinyarwanda

ruvugwa n'abanyarwanda bose, kugira ngo burusheho kwamamaza no kwigisha idini ry'Imana Nyagasani yahitiyemo ikiremwa muntu "ISLAMU"; ibyo bikaba biri no mu ntego y'ibanze y'Umuryango wacu A.MU.R.

Turasaba Imana Nyagasani, gukomeza ukwemera kwacu no gukomeza kutuyobora mu nzira yayo igororotse.

Amahoro n'imigisha y'Imana bibe no ku basomyi b'iki gitabo.

Sheikh Mugwiza Ahmad
Umuyobozi Mukuru

Rajab 1412
Mutarama 1992

UKO IGISIBO KIVUGWA MURI QUORAN*

Mw'isurat yitiriwe "INKA", Imana Nyagasani iravuga, iti: "YEMWE ABEMEYE! MUTEGETSWE GUSIBA (Saûm) NKUKO ABARIHO MBERE YANYU BARI BARABITEGETSWE KUGIRA NGO MUSHOBERE GUTINYA IMANA (kuyisenga). "Q.2; 183."

"NI IMINSI MBARWA GUSA (uko gusiba). NIHAGIRA UZABA ARWAYE MURI MWE CYANGWA ARI MU RUGENDO (agasiburukamo iminsi), UBWO (azuzuze) UMUBARE. NA BABANDI BATISHOBOYE (kubera imbaraga nke zitewe n'ubusaza cyangwa uburwayi budakira), BATANGE INDISHYI YO KUGABURIRA ABAKENE. N'UZAKORERA INEZA ROHO YE, NI BYIZA KURI WE. IYABA MWARI MUBIZI (ngaho rero n: mukurikire)." Q.2;184.

"(Uko Kwezi mwabwiwe gusiba) Ni UKWEZI KWA RAMADHANI KWAMANUTSEMO IYI QUORAN KUGIRA NGO IBE UBUYOBOZI KU BANTU, NO KUBA ARI UBUHAMYA BUGARAGARA BW'UBUYOBOZI N'UBUSHISHOZI (buri hagati y'ukuri n'ikinyoma).

UZABA ARI MU MUJYI WE MURI UKO KWEZI (kwa Ramadhani) ASIBE. NAHO UZABA ARWAYE

* Quoran - soma Kor'An - ni igitabo gitagatifu cyanditsemo amategeko y'Imanao.

CYANGWA ARI MU RUGENDO, UBWO (yuzuze) UMUBARE (w'iminsi atasibye) MU YINDI MINSI ISANZWE (itari iyo muri uko Kwezi).

IMANA NYAGASANI IRABASHAKIRA IBIBOR-OHEYE NTIBASHAKIRA IBIGORANYE, KANDI (irabashakira) KO MWUZUZA IYO MIBARE, NO KUBASHAKIRA KURAMYA IMANA NYAGASANI KUBERA YUKO YABAYOBOYE, KUGIRA NGO MUSHOBORE GUSHIMIRA." Q.2;185.

"ABAGARAGU BANJYE NIBAKUBAZA UKURI KWANJYE, (ubabwire ko) NJYE NDI BUGUFI YABO. NAKIRA AMASENGESHO (ubusabe) Y'UN-SABYE MU GIHE ANSABA. NONEHO NI BANYI-TABE KANDI BANANYIZERE, KUGIRA NGO BABASHE KUYOBOKA." Q.2;186.

"MUZIRURIWE KUBONANA N'ABAGORE BANYU (kubakana urugo nabo) MW'IJORO RY'IGI-SIBO (saûm). ABO BAGORE NI IMYAMBARO KURI MWE (yababayeho akaramata ku mibiri yanyu), NAMWE MURI IMYAMBARO YABO. IMANA NYAGASANI IZI KO MWARENGANYIJE IMITIMA YANYU (muyikorera ibyo idakunda). KUBERA IZO MPAMVU YAKIRIYE UKWICUZA KWANYU KANDI YARANABABARIYE. NGAHO RERO NONEHO NI MWIVANGE NABO (mubonane nabo) KANDI MUBASABE IBYO IMANA NYAGASANI YABAGENEYE.

* Q.2;183 bisobanura: Kor'An, isurati ya kabiri ayat (umurongo) w'183.

KANDI MURYE MUNYWE KUGEZA IGIHE MUZABA MUSHOBORA KUBONA UMWIJIMA W'IJORO UJEMO UMWERU W'UMUSEKE, NIMURANGIZA MWUZUZE (mukomeze) IGISIBO KUGEZA NIMUGORоба. KANDI NTIMUZEGERE (ntim-uza - bonane nabo), MURI MU RWIHERERO RWO MU MUSIGITI (Itiqaf - soma itikaf -). IZO NI IMBAGO (imipaka Y'IMANA NYAGASANI IGARAGARIZA ABANTU IHAME RYAYO KUGIRA NGO BAYIRAMYE." Q.2;187.

Imana yavuze ukuri.

INTANGIRIRO

Igihe abatuye iyi si bari bamaze kugera ku bushobozi bwo gutekereza, nyuma y'impishuro zakurikiranye z'ubutumwa bw'Imana mu bihe byabanjirije ubuyislamu, igihe bari bamaze kugera ku ntera yo hejuru yo kuba bakuze no kuba noneho biteguye, gushobora kwakira ubutumwa bw'Imana buhoraho kandi bwagenewe isi yose, bukubiyemo ibitegetswe kandi bigomba gukurikizwa mu buzima bw'umuntu; Imana Nyagasani yihariye ubushobozi yahaye (yatumye) Intumwa yayo, Muhammad mwene Abdallah -I,I,A,U-*, ubutumwa bwa ISLAMU.

Imana Nyagasani isumba byose iravuga muri Quoran, iti: "UYU MUNSI MBASOZEREJE IDINI RYANYU, NO KUBUZURIZA INEMA ZANJE, KANDI NABAHI-TIYEMO UBUYISLAMU KUBA IDINI RYANYU. KANDI N'UZABA AREMBEJWE N'INZARA, ATARI UKUGIRA NGO AKORE ICYAHA, (maze akarya kubyo Imana yaziririje, ntacyo bizaba bitwaye); MUBYUKURI IMANA NYAGASANI NI NYIR'IM-BABAZI NYINSHI NA NYIR'INEMA NYINSHI." Q.5;3.

Imana (Allah) yemereye abantu bose, iyoboka-Mana (idini) rya ISLAMU kuko ari:

* I,I,A,U!: ni ijamba rihinye rivuga ngo: Imana imuhe amahoro n'umugisha!

1. IYOBOKA-MANA rijyana na kamere muntu (rikwiranye nayo): Imana Nyagasani iravuga, iti: "MAZE UZEREKEZE AMASO (uruhanga) Yawe MW'IDINI (uzayoboke idini) RIGOROTSE (ry'ukuri) – NIYO KAMERE IMANA NYAGASANI YAREMEYE ABANTU, (ni ukuvuga ko iri dini rya Islamu rikwiranye neza cyane na kamere ya muntu). NTA HINDAGURIKA RIRI HAGATI Y'INGESO ZIHARIYE MU BIREMWA BY'IMANA NYAGASANI. IRYO NIRYO DINI RY'UKURI, ARIKO ABANTU BENSHI NTIBABIZI." Q.30;30.
2. IYOBOKA-MANA ry'ubumwe bw'abantu n'uburinganire hagati yabo. Imana Nyagasani ishimwe kandi isingizwe! iravuga muri Quoran, iti:
 "YEMWE BANTU! TWABAREMYE TUBAKUYE MU MUGABO (umwe: ADAMU) NO MU MUGORE (umwe: HAWWA – abenshi bita EVA). TUBAGIRAMO IMIRYANGO MYINSHI N'AMOKO MENSHI (anyuranye) KUGIRA NGO MUSHOBORE KUMENYANA (atari kugira ngo musuzugurane). UMWIZA KURUSHA ABANDI MURI MWE IMBERE Y'IMANA NYAGASANI NI WAWUNDI (urusha abandi) GUKORA BYIZA BIYISHIMISHA (yategetse). IMANA NYAGASANI NIYO MUME-NYI UHEBUJE KANDI NIYO IZI (ibyho mutazi)." Q.49:13.
3. Bitewe n'uko umuntu atagatifuza, kubera kamere ye, ukwishyira ukizana no kubiharanira, iyoboka-Mana

rya kiislamu ribwiriza (rihamagarira) no gutoza ku kwishyira ukizana, mu kubaha umuntu mu buzima bwa hano kw'isi, no kubera gusa, kwishyira ukizana mu kwemera: Imana Nyagasani iravuga, iti: "NTAG-UHATIRA (umuntu) KWINJIRA MW'IDINI. UKURI KWITANDUKANYIJE N'IBINYOMA. N'UKO RERO UWANGA SHITANI AKIZERA IMANA NYAGASANI, NTA GUSHIDIKANYA KO UWO ARIWE WEGAMYE KU CYEGAMO KITANYEGANYEGA - gikomeye - KANDI KIDA-SHOBORA KUVUNIKA (cyangwa ngo gihirime). N'IMANA NYAGASANI NIYO YUMVA, NIYO MUMENYI." Q.2;256.

4. Islamu ibona mu muntu ko agizwe n'umubiri hamwe na roho (umutima), aho kimwe kidashobora kuganza ikindi, aho kimwe kidashobora kwirengagizwa kubera ikindi. Kandi niba Imana Nyagasani yarahatiye umuntu kwita ku bimugomba kugira ngo imwigishe, yanamuhaye ububasha bwo kwishimisha (kurya) ku biribwa byiza (byubashywe) by'iyi si turimo.

Imana Nyagasani iravuga, iti: "VUGA (yewe Ntumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U-): "NINDE WAZIRIRIJE IMITAKO Y'IMANA NYAGASANI YAREMEYE ABAGARAGU BAYO? KANDI (ninde waziririje) IBINTU BYIZA MU BIRIBWA? Vuga: "IBYO BINTU (ibiribwa bitaziririjwe) BYAGENEWE ABAYISLAMU (hano) MU BUZIMA BWO KW'ISI; (no) KUBA BIZABA IBYABO

BONYINE KU MUNSI W'IMPERUKA. UKU
NIKO TUMENYESHA IBIMENYETSO BYACU
(ayat) KU BANTU B'ABANYABWENGE". Q.7;32.

5. Uburyo bw'umuco (umugenzo) bwashyizweho cyan-
gwa bukurikizwa nk'ukuri kw'ishingiro, kudashobora
kwirengagizwa (mw'iyoboka - Mana), ibishinganywe,
amategeko n'amabwiriza by'umutima nama bya
Islam ntibitandukanye na kamere ya muntu igororotse.
Bijyana, nyamara, nayo mu kuyagura no kuyiy-
obora mu nzira igororotse, iganisha ku bwitonzi no
kwivugurura.

Dutekereze kuri iri jambo ritagatifu ry'Imana Nyaga-
sani, riri muri Quoran. Imana nyir'Ubutagatifu yara-
vuze, iti: "YEMWE BANTU BAHawe IGITABO
(Taurat, Zabuli, Injili na Quoran)! MWAMAZE
KUGERWAHO N'INTUMWA YACU -I,I,A,U-,
IBAHISHURIRA BYINSHI MWAHISHE (mutagar-
agaje MU BITABO (byanyu), KANDI INABABA-
RIRA BYINSHI. NTA GUSHIDIKANYA KO
URUMULI RW'IMANA NYAGASANI RWAM-
AZE KUBAGERAHO N'IGITABO KIBASOBA-
NURIRA (buri jambo - buri gikorwa). MURI ICYO
(Gitabo) IMANA NYAGASANI IYOBOA ABA-
KURIKIRA UMURAGE WAYO MU NZIRA
Z'AMAHORO, NO KUBAKURA MU MWIJIMA
MUKEREKEZWA URUMULI RWAYO KUBERA
UBUSHOBOZI BWAYO, HAMWE NO KUBAY-
OBORA MU NZIRA IGOROROTSE." Q.5;15.

Abahanuzi n'Intumwa z'Imana - Imana izihe amahoro n'imigisha! - zasimburanye no gukurikirana ari kugira ngo bahamagarire abantu bose ku bumwe bw'Imana nyagasani w'isi n'ijuru hamwe n'ibibirimo byose, kuko ubwo buryo bwonyine aribwo butuma ikiremwa muntu gishobora gukemura ibibazo byose, kuko ubwo buryo bwonyine aribwo butuma ikiremwa muntu gishobora gukemura ibibazo by'ubuzima, na Islamu yaje ari iyo gusozereza ubwo butumwa, kubera ibisubizo cyangwa imiti itanga ku bibazo bwite byo mu rwego rwa politiki; bityo (Islam) ikaba ikubiyemo ibice biyobora ubuzima bw'umuntu ubwe, n'ubwamatsinda y'abantu benshi, mu bihe byose, ibihugu n'amoko. Islamu irimo n'ibindi byose bituma abantu bagira ubuzima bwiza kandi bwubahitse hano kw'isi, n'umunezero mu buzima buzaza (bwo mw'ijuru).

Niyo mpamvu Islamu itegeka inyigisho zikurikira:

1. UKWEMERA:

Ikiremwa muntu kigomba kwemera ko ari nta zindi Mana zibaho uretse Imana Imwe Rukumbi (ALLAH), ko ari nta wundi babangikanye; no kwemera Intumwa zayo, Ibitabo byayo n'Abamalayika bayo no kwemera umunsi wa nyuma (igihe buri kiremwa kizacirirwaho urubanza imbere y'Umuremyi). Ikiremwa muntu kigomba kwizera ibyo byose mu mutima no kubihamya (kubigaragaza) mubyo avuga, nta gutandukanya Intumwa z'Imana.

Imana Nyagasani iravuga muri Quoran, iti: "INTUMWA Y'IMANA YEMEYE IBYO YAMANURIWE BIVUYE KWA NYAGASANI WAYO, N'ABEMERA

BARABYEMERA BAKAVUGA BATI: TWEMEYE
IMANA N'ABAMALAYIKA BAYO, N'IBITABO
BYAYO, N'INTUMWA ZAYO; NTITUVANGURA
HABE N'IMWE MU NTUMWA ZAYO BARAVUGA
BATI: TWUMVISE KANDI TURUMVIYE: NYAGA-
SANI WACU TURAGUSABA IMBABAZI IWawe
NIHO TUZASUBIRA. Q.2;285.

2. IMIGIRIRE NYAMUBANO IJYANA N'INGESO:

Ibyo iyoboka-Mana rya kiislamu ryigishije byose, imimaro myiza y'ingenzi, amahame yubahitse, imico ishimwa n'ingeso z'ubupfura, dushyizemo n'ubunya buntu, umugenzo mwiza ugamije kubahiriza ubutitsa amategeko y'umutima nama nyamubano, ukutirengagiza (kuvuga ukuri), ubutwari n'ubupfura.

3. KURAMYA (Ibâdat):

Amagambo n'ibikorwa umuyislamu akora ari kugira ngo yegere Nyagasani we (Allah) uri hejuru ya byose no kubahiriza amategeko ye. Ni koko, kuramyaga bigize ubutumwa bw'ibanze bw'ikiremwa muntu muri iyi si.

Imana Nyagasani iravuga, iti: "SINAREMYE ROHO Z'IMYUKA (amajini) N'ABANTU ATARI KUGIRA NGO BANSENGE."

"SINKENEYE IFUNGURO KURI BO NDETSE SINKENEYE KO BANGABULIRA".

"MUBYUKURI IMANA NYAGASANI NIYO ITANGA IFUNGURO, NYIR'IMBARAGA ZIDASHIDIKANYWA".

"ZIJYANA (ibicu) BUHORO BUHORO (mu bwit-

onzi)". Q.51; 56-57-58 na Q.51:3.

Kuramya (Ibâdat), Ukwibombarika (Ta'abud), Uburyo bwo kubaho mu buzima bw'iyoboka-Mana nta kindi kirangamiwe (Nusk) bihuje inyito no kuba ari nta wundi bikwiye atari Imana Rukumbi (Allah), Nyagasani w'isi n'ijuru, Umuremyi w'ibirere byo mu cyeragati, ubuzima n'abantu.

Urwego rw'igikorwa cyo kuramya (Ibâdat) muri Islamu ni rugari cyane; niba icyo gikorwa gikubiyemo isengesho (Salât), ituro (Zâkkat), igisibo (Saûm), umutambagiye mutagatifu (Hajj), guharanira inzira y'Imana (Jihâd) kugira ngo ijambo ry'Imana Nyagasani (ALLAH) ryogere hose no kuvuna igihugu kikubiyara (kugitabara), kubwirizanya ibitegetswe no kubuzanya icyaziririjwe, rugera kandi no mu nzego z'ubuzima bwa hano kw'isi, iyo ubushake bw'umuntu ari bwiza n'iyi, biturutse ku bikorwa bya byiza, uwo aba agamije gushimisha Imana isumba byose, atari kugira ngo ashimwe n'abantu gusa no gushaka ikuzo.

Kuramya (Ibâdat) gutsindagira zimwe mu ngingo zikurikira kandi zigomba kwitabwaho:

– Nta mwanya n'umwe ugomba guhabwa abapfumu n'abavuga ko ari abahuza abantu n'Imana, bemeza ko bafite ubushobozi bwo kuvuganira abantu ku Mana, Umutware w'isi n'ijuru, kuko Imana isumba byose ari Igihangange gihebuje no kuba iri hejuru ya byose ku buryo idakeneye abafasha n'abapfumu.

Turebe iri jambo ry'Imana muri Quoran aho ivuga, iti:

"MUBYUKURI IMANA NYAGASANI WANYU NI IYAREMYE IJURU N'ISI MU MINSI ITANDATU. NYUMA IGANZA KU NTEBE YAYO Y'UBWAMI (Arshi) ITWIKI RIZA IJORO AMANYWA RIYAKU-RIKIRA VUBA VUBA, ITWIKIRIZA AMANYWA IJORO ARIKURIKIRA VUBA VUBA, N'IZUBA N'UKWEZI N'INYENYERI. BIBISIKANA KW'ITE-GEKO RYAYO (byose) BIKORA BYUBAHIRIZA UBUSHAKE BW'IMANA NYAGASANI. KUGIRA NGO BIBAGIRIRE AKAMARO KANINI MUMENYE KO KUREMA ARI UKW'IMANA GUSA N'AMAT-EGEKO YOSE NI AYAYO IMANA IRATAGATIF-UTSE NYAGASANI UMUREZI W'IBIREMWA BYOSE." Q.7;54.

Dukomeze dutekereze na none kuri iri jambo ry'Imana rivuga, riti:

"ABO NIBO BAGURANYE (umunezero) WO KW'ISI MU KIGWI CY'(umunezero) W'IMPERUKA; KUBERA IBYO NTIBAZOROHEREZWA IBIHANO CYANGWA NTIBAZARENGANURWA." Q.2;86.

Umuyisumu w'ukuri ni wawundi, nta na rimwe mu buzima bwe, yiyumvamo ko akeneye umuhuza uwo ariwe wese hagati ye n'Umuremyi we, usumba byose.

Ni ngombwa kwirinda cyangwa kureka kurengera n'amakabyo mu migenzo y'iyoboka-Mana, kugira ngo hatabaho guteshuka kw'ubuzima bwa buri muni. Kuramya (Ibâdat) muri Isumu gutuma umuntu areka kwita kuri iyi si turimo kugira ngo yiyegurire gusa Imana

imwe rukumbi (Allah), kuko gushyira mu gaciro (kutavunda) mu kintu icyo aricyo cyose ari kamwe mu turango kamere tw'idini rya Islamu.

Nicyo gituma Imana Nyagasani yavuze muri Quoran Ntagatifu, iti: "MU MITUNGO IMANA NYAGASANI YAGUHAYE USHAKEMO ICUMBI (ryawe) RYA NYUMA. NTUZASUZUGURE (ntuzirengagize) UMUGABANE WAWE W'UBUZIMA BW'IYI SI (turimo). GIRA UBUNTU NKUKO IMANA NYAGASANI IBUKUGIRIRA. NTUSHAKE IBY'UBUSA (ruswa) KW'ISI. - (Kuko) - IMANA NYAGASANI IDAKUNDA ABABIBA (abashyigikiye) RUSWA." Q.28;77.

Ni ngombwa gukoresha uburyo bworoshye no kwirinda guhutaza, kuko Islamu itemerera umuntu guhatiriza no kwizirika iminyururu ku bimwegereza ku Mana.

Imana Nyagasani yaravuze, iti:

"MUNARWANIRIRE IDINI RY'IMANA NYAGASANI NKUKO BIKWIYE (kurwanirirwa). YO YARABATONESHEJE - YABAHISEMO - (ngo abe ari mwe muba umuryango usumba iyindi). NTA N'UBWO YABASHYIRIYEHO AMANANIZA MW'IDINI. (Iryo dini rivugwa) NIRYO UMUKAMBWE WANYU IBRAHIMU -I,I,A,U- YAKURIKIYE; IMANA NYAGASANI YABISE ABAYISLAMU KUVA ICYO GIHE (mu Bitabo bya kera); NO MURI IYI QUORAN NAHO (mwiswe iryo zina), KUGIRA NGO INTUMWA Y'IMANA IZABE UMUGABO KURI MWE NAMWE

MUZABE ABAGABO KU BANTU (bababanjirije).
N'UKO RERO MUHOZEHO AMASENGESHO
(Sâlat) MUTANGE ITURO (Zakkât) KANDI MUSE-
NYERE UMUGOZI UMWE (muharanire ubumwe)
KUBERA (inzira y') IMANA NYAGASANI. YO
NIYO SHOBUJA W'UBUNYABUNTU BUHEBUJE,
N'UMUFASHA (ugoboka) W'UBUNYABUNTU BUH-
EBUJE." Q.22;78.

Kuramya Imana umuntu yigomwe (gusiba), ikigamijwe
muri izi nyigisho zacu, ni igikorwa cyo kuramya Imana
cyabayeho kuva kera kandi kizwi. Bitewe n'uko aricyo
gikorwa cyo kuramya cyonyine Imana Nyagasani yavuze
cyane, mu Gitabo cyayo gitagatifu (Quoran), gusobanura
igisibo mu buryo bugaragara kandi bwumvikana kuri
buri wese bigomba kuvugwa no guhabwa umwanya ugik-
wiye.

Koko rero, iryo sobanurwa ntabwo rihwanye n'iryag-
enewe izindi nkingi zigize Islamu, kuko izo, nta handi
zisobanuye, cyangwa ngo zishyirwe ahagaragara imwe
imwe hatari mu migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammad
-I,I,A,U- (Sunnah).

GUSIBA BIVUZE IKI?

Ijambo Siyâm cyangwa Saûm (igisibo) mu rurimi rw'icyarabu bisobanura "KWIGOMWA". bavuga ko ari mu gisibo.

Gutyo, ijambo ry'Usumba byose rivuga, riti: "NAG-AMBIRIYE GUSIBA KUBERA NYIR'IMBABAZI, NTA MUNTU NDI BUVUGISHE UYU MUNSI." Q.19;26.

Risobanura (guceceka) no kwirinda kuvuga. Ni kimwe no "Kugoma cyangwa kwigomwa" muri izi mvugo z'icyarabu: "Umuyaga wigomye" n'ifarasi yigomye" bisobanura ku ruhande rw'umuyaga ko, UTAHUSHYE naho ku ruhande rw'ifarasi ko, yarekeye aho KWIRUKA.

Igisibo mu mategeko ya kiislamu (Fiqhi – soma Fikihî –), bisobanura kwigomwa icyo kurya cyose cyangwa icyo kunywa, kuva igihe cy'umuseke kugeza igihe izuba rirenze, hamwe no kugambirira gusiba n'ijoro (uwo mugambi wo gusiba – NIYAT – ufatwa mw'ijoro).

Umuyislamu uri mu gisibo (wasibye) agomba kandi kurushaho kwirinda kuvuga amanjwe mu gihe cy'igisibo, kurusha mu kindi gihe icyo aricyo cyose, kandi ibyo akabikora ari kubera Ukwezi gutagatifu Imana Nyagasani yavuze ko ari ukwezi kw'igisibo.

Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- yaravuze, ati:

“IGIHE UMUNSI WO GUSIBA WAGEZE, BURI MUNTU MURI MWE, AJYE YIRINDA KUVUGA AMAGAMBO Y’AMASHIRASONI, NTAKAJYE ATONGANA. NIHAGIRA UMUTUKA CYANGWA UMURWANYA, AJYE AVUGA, ATI: “NDI MU GISIBO - NASIBYE -.”

Iyi mvugo “HADITH - soma HADISI -” yakiriwe na Muslim.

IGISIBO MBERE Y'UBUYISLAMU

IGISIBO MBERE Y'UBUYISLAMU

Igisibo, nk'igikorwa cyo kuramya (Ibâdat) gikorwa n'umubiri nicy'imyitozo ya roho, cyariho mu bihe by'abakurambere. Koko rero, abantu ba Misiri ya kera barasibaga, kimwe no mu Bushinwa hamwe no mu Bugereki.

Ubuyislamu bwaje igisibo cyari gisanzwe kime - nyerewe n'abantu b'Igitabo, muri bo Abayahudi n'Abakristu, nkuko ijambo ry'Imana Nyagasani ribitugaragariza muri Quoran aho ivuga, iti: "YEMWE ABEMERA! MUTE-GEKEWE IGISIBO NKUKO CYATEGETSWE ABANTU BABAYEHO MBERE YANYU. KUGIRA NGO MUSHOBORE GUTINYA IMANA." Q.2;183.

Nyamara, igisibo, kuri bariya ba nyuma (Abayahudi n'Abakristu), kimwe no mu bindi bihugu, gikorwa mu buryo bunyuranye - butandu - kanye -, nko kwigomwa kurya ibiryo bimwe cyangwa ibiryo byose, iyubahiriza ry'igisibo mu bihe bimwe by'umunsi, cyangwa mu minsi ikurikiranye, cyangwa na none, igisibo cyo kwicuza, igisibo cyo gushimira, n'ibindi...

Umunsi wa ACHOURA - soma ASHURA - ni umunsi mutagatifu wubahirizwa mw'idini rya Mussa -I,I,A,U-.

Igihe Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- yari amaze kugera i Madina mu gihe cyo kwimuka (HIJRAT - soma HIJIRA -), no kubona yuko Abayahudi basibaga

kuri uwo muni wa Achoura, yaravuze, ati: "ACHOURA NI IKI? baramusubiza, bati: ni Umunsi mutagatifu, Umunsi Imana Nyagasani yabohoyeho bene Israheli ku ngoyi y'umwanzi wabo (Farawo), Kandi n'Intumwa y'Imana Mussa -I,I,A,U- uwo muni yarawusibye."

Nibwo Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- avuze, ati: "NJYEWE MFITE IBINGOMBA BYINSHI KU NTUMWA Y'IMANA MUSSA -I,I,A,U- KUBARUSHA." Nibwo ategutse gusiba kuri uwo muni.

- Iyi mvugo y'Intumwa (Hadith) yakiriwe na AL-Bukhari hamwe na Muslim.-

Itegeko ry'igisibo cy'umunsi wa Achoura ryarangiranye n'ishyirwaho ry'itegeko ryo gusiba Ukwezi kwa Ramadhani kwa buri mwaka. Cyokora, igisibo cy'umunsi wa Achoura cyakomeje kubahirizwa*, Nkuko Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- yagisibaga!

Ni nk'uko na none, gusiba umunsi wa cyenda (9) - W'Ukwezi kwa Al-MUHARRAMU- nabyo tubibwirizwa n'Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U-.

Bivuye k'umwigishwa w'Intumwa y'Imana witwa ABDALLAH mwene Omar -Imana imwishimire!- yaravuze, ati: "INTUMWA Y'IMANA YASIBYE UMUNSI WA ACHOURA INATEGEKA KUWUSIBA. Baravugaga, bati: "YEWE NTUMWA Y'IMANA! NI UMUNSI UTAGATIFUZWA N'ABAYAHUDI N'ABAKRISTU.

* Uwasibye umunsi wa Achoura azahabirirwa ku muni w'Imperuka kandi anabihemberwe.

Arabasubiza, ati: "UMWAKA UTAHA, IMANA NIBI-SHAKA, TUZASIBA KU MUNSI WA CYENDA (w'Ukwezi kwa Al-Muharram)."

Ariko umwaka wakurikiyeho Intumwa y'Imana yitabye Imana utari wagera.

AMWE MU MOKO Y'IGISIBO

Dore amwe mu moko y'igisibo:

1. IGISIBO CY'ITEGEKO (Sâum al-Faradh):

Ni ukubahiriza igisibo mu Kwezi kwa Ramadhâni, Imana Nyagasani yategetse mu Gitabo cyayo gitagatifu (Quoran):

“UZABA YABONYE UKWEZI (ku kiboncka) MURI MWE AZASIBA UKWEZI KOSE.” Q.2;185.

2. IGISIBO CYO KWISHYURA (Siyâm Al-Qadhâ):

Ni igisibo umuyisumu agomba gukora iyo hari umunsi wo mu Kwezi kwa Ramadhâni atasibye kubera impamvu iyo ariyo yose.

Imana Nyagasani iravuga, iti: “NAHO UZABA ARWAYE CYANGWA ARI MU RUGENDO, (yuzuze) UMUBARE (w'iminsi atasibye) MU YINDI MINSI ISANZWE (itari iyo mu Kwezi kwa Ramadhâni)”. Q.2;185.

3. IGISIBO CY'UMUHIGO KU MANA (Siyâm An-Nadhar):

Ni igisibo umuntu asiba, kugira ngo ahigire umuhigo yahize ku Mana isumba byose. Uwasibye agomba kubahiriza, mu gusiba, isezerano yiyemeje: iyo yiyemeje gusiba umunsi umwe cyangwa myinshi, agomba kuzuza iryo sezerano.

Imana Nyagasani iravuga muri Quoran mw'isurat yitiriwe "INZUKI", iti: "MUNAZBAZE INEMA Z'IMANA NYAGASANI, NTIMWASHOBORA KUZIBARURA. MUBYUKURI IMANA NYAGASANI NI NYIR'IMBABAZI NYINSHI (na) NYIR'IMPUHWE NYINSHI." Q.16;18.

Na none muri Quoran, Imana Nyagasani iravuga, iti: "NYUMA BISUKURE UMWANDA WABO, BANA-HIGURE UMUHIGO WABO, KANDI BAZENGURUKE IYO NZU YA KERA (Al-Kaaba)." Q.22;29.

4. IGISIBO CY'IMPONGANO (Siyâm Al-Kaffara):

Icyo gisibo kigomba gukorwa kubera impamvu zikurikira:

- a) Kwica igisibo k'ubushake biturutse ku gufata icyo kurya cyangwa icyo kunywa, ku manywa y'igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni.

Tugaruke kuri iri jambo ry'Uwiteka, aho avuga, ati: "MURYE KANDI MUNYWE KUGEZA IGIHE MUGARA - GARIWE N'UMUCYO W'UMUSEKE UTANDUKANYA UMWIJIMA W'IJORO, NYUMA MWUZUZE IGISIBO KUGEZA N'IJORO (Izuba rirenze)." Q.2;187.

- b) Ubusambanyi bukozwe k'ubushake ku manywa y'igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni.

Dukomeze turebe ibivuga muri iyi ayat, Imana Nyagasani yaravuze, iti: "NTIMUBUJIJWE KUBONANA N'ABAGORE BANYU (kubakana nabo urugo) MW'IJORO RIKURIKIRA AMANYWA Y'IGISIBO

(Saûm).” Q.2;187.

Muri uyu murongo wa Quoran (Ayat), turawumvamo ko bibujijwe kubonana n’umugore (kubaka urugo) ku manywa y’igisibo.

- c) Mu gihe cy’ubwicanyi budakozwe ku bwende, nkuko Imana isumba byose ibivugwa muri Quoran, iti: “KIRAZIRA UMUYISLAMU KWICA UMUYISLAMU (mugenzi we ku bushake) KERETSE ARI IMPANUKA (bikugwiririyeye). UWISHE UMUYISLAMU MUGENZI WE BITARI K’UBUSHAKE, N’UKO RERO AZAREKURE UMUCAKARA WE W’UMUYISLAMU (amuhe ubwigenge); ANAHE ICYIRU ABAZUNGUZI B’UWO YISHE. KERETSE ABO BAZUNGUZI BARETSE ICYO CYIRU KUGIRA NGO KIBE ITURO RYABO. KANDI NIBA UWO MUYISLAMU WISHWE ARI UMUV-ANDIMWE W’ABANZI BANYU (Abaha-kanyi), ARIKO WE ARI UMUYISLAMU; UBWO UWAMWISHE AZAHA UBWIGENGE UMUCAKARA W’UMUYISLAMU (si ngombwa gutanga icyiru). NA NONE NIBA UWISHE ARI UMWE MU BANTU MWAGIRANYE AMASEZERANO (yo kubana neza no gutabarana) HAGATI YANYU NABO; UBWO ABAZUNGUZI BE BAHABWE ICYIRU NO KUREKURA UMUCAKARA UMWE W’UMUYISLAMU.

UZABA ADASHOBOYE KUBONA IBYO BIVUZWE HARUGURU (kubera kubibura cyangwa

amikoro make) UBWO AZASIBA AMEZI ABIRI AKURIKIRANYE (kandi ari nta munsu n'umwe yishemo). UKU NIKO KWICUZA KUVUYE KU MANA NYAGASANI. KANDI N'IMANA NYAGASANI NIYO MUMENYI UHEBUJE N'UMUNYABUGENGE BUHEBUJE." Q.4:92.

- d) Iyo ukoze ikintu mu byabujijwe udashoboye gutanga icyiru, ukora muri ibi bikurikira: Imana Nyagasani iravuga, iti: "MUTUNGANYE UMUTAMBAGIRO MUKURU N'UMUTAMBAGIRO MUTO (Hija na Umra) KUBERA IMANA, NIMUBUZWA (kugera i Makka muri hafi yo kuhagera) MWICE AMATUNGO ABONEKA KU BURYO BWOROHEJE. (Nayo ni ihene n'intama) KANDI NTIMUZOGOSHE IMISATSI KU MITWE YANYU KERETSE AYO MATUNGO YAMAZE KUGERA MW'IBAGIRO RYAYO. MURI MWE UZABA AFITE UBURWAYI CYANGWA AFITE IBIMUBANGAMIYE KU MUTWE ATANGE ICYIRU CYO GUSIBA CYANGWA GUTANGA ITURO (ry'imfashanyo y'abakene) CYANGWA GUTAMBA IGI-TAMBO. MU GIHE MUZABA MURI MU MAHORO, UBWO UZASHIMISHWA NO GUKORA UMUTAMBAGIRO MUTO (Umra) NYUMA AKABA ARIHO AKORA UMUTAMBAGIRO MUKURU (Hija), UBWO AZICE ITUNGO RIDAFITE UBUSEMBWA. UZABA ATABI SHOBOYE, ASIBE IMINSI ITATU MU MUTAMBAGIRO

(Hija) N'IMINSI IRINDWI NIMUMARA GUSUB-
IRA IWANYU; (yose hamwe ikaba iminsi cumi
yuzuye); IBYO NI K'UWO ABANTU BE (umury-
ango we) BATARI HAFI Y'UMUSIGITI MUTA-
GATIFU W'IMAKA. KANDI MUTINYE IMANA
NYAGASANI KANDI MUMENYE KO IMANA
NYAGASANI ARI YO IHANISHA IBIHANO
BIBABAZA CYANE." Q.2;196.

e) Igihe cyo kwica indahiro; kwicuza kubera gutatira
indahiro kugomba gukorwa hakoreshejwe bumwe mu
buryo bukurikira nkuko bivugwa muri Quoran:

– Kugaburira abakene cumi (10) kabiri mu muni
cyangwa (kubaha) ibihwanye nabyo.

– Kwambika abakene cumi (10), imyambaro ikwiye
kwambarwa mw'isengesho (Salât).

– Kurekura umucakara (kumuha ubwigenge).

– Iyo ari nta mikoro yo gukora ibyo bivuzwe harug-
uru, ni ngombwa gukora igisibo cy'iminsi itatu (3)
ikurikiranye cyangwa itandukanye.

Imana Nyagasani isumba byose iravuga muri Quoran,
iti: "IMANA NYAGASANI NTIZABAHORA
INDAHIRO ZANYU ZIDAFITE AGACIRO
(zikozwe mu buryo bw'ubujiji), ARIKO IZABAH-
ANIRA INDAHIRO MUZABA MUKOZE MUB-
IKUYE K'UMUTIMA (mubigambiriye). BITYO
RERO ICYIRU GITANGIRWA BENE IZO
NDAHIRO N'UKUGABURIRA ABAKENE CUMI
(10) BAGABURIRWA IBIHWANYE NA KIMWE

CYA KABIRI (1½) CY'IFUNGURO RIGABURI-
RWA ABO MU RUGO RW'UWARAHIYE (nta
garama n'imwe iburaho), CYANGWA KUBAM-
BIKA, CYANGWA KUREKURA UMUCAKARA.
ARIKO UDASHOBOYE KUBONA IBYO, N'UKO
RERO AZASIBE IMINSI ITATU (3). IBI NIBYO
BYIRU BITANGIRWA INDAHIRO ZANYU
MURAHIRA. KANDI MWUBAHIRIZE INDAH-
IRO ZANYU (ntimukarahire ngo nyuma ibyo
mwarahiriye mubirengeho cyangwa ngo murahire
indahiro zimeze nk'ibikino). MURI UBU BURYO
IMANA NYAGASANI IBAHISHURIYE IMIR-
ONGO YAYO (amategeko yayo) KUGIRA NGO
MUSHOBORE GUSHIMIRA." Q.5:89.

- f) Igisibo gikorwa iyo umugabo yagereranyije umugore
we kuri nyina umubyara. Gikorwa iyo umugabo
yavuze amagambo yo kurahira mu buryo agereranya
umugore we kuri nyina, mushiki we cyangwa ku
wundi mugore uwo ariwe wese uzira kuri we; ni uku-
vuga: Umukobwa we, nyirasenge n'abandi babujijwe...
Mu gihe umugabo arakaranyije n'umugore we bikag-
era aho avuga bene aya magambo, ati: "Ninongera
kukugarukira uzabe kuri nje nk'umugongo wa mama,
n'ibindi bigambo nk'ibyo..."

Iyo umugabo yamaze kuvuga bene ibyo n'iyi yaba
yarabivuze abikuye kuburakari (atabifite ku mutima),
kugira ngo asubirane n'umugore we (kumwegera ngo
bubakane urugo) n'uko agomba kubanza kwicuza ku

Mana Nyagasani akoze igisibo nkuko bivugwa muri Quoran mw'isurat yitiriwe "IMPAKA" (igisibo cya Dhihâr).

Imana Nyagasani iravuga, iti: "NA BAMWE MURI MWE BITA ABAGORE BABO NKA BA NYINA, NYUMA BAKISUBIRAHU (bashaka kugarukira abagore babo kubana nkuko bisanzwe hagati y'umugabo n'umugore), BAGOMBA (kubanza) GUHA UBWIGENGU UMUCAKARA MBERE YO GUSUBIRANA N'ABAGORE BABO CYANGWA KUBEGERA. MUHARE AYA MABWIRIZA. KANDI IMANA NYAGASANI IZI IBYO MUKORA (byose). N'UDASHOBORA KUBONA (umucakara) WO GUHA UBWIGENGU, UBWO AZASIBE IGISIBO CY'AMEZI ABIRI AKURIKIRANYE MBERE YO KWEGERA UMUGORE WE; N'UZABA ATABISHOBYE, AZAGABULIRE ABAKENE MIRONGO ITANDATU - igaburo ry'umukene umwe rigomba kuba rigizwe n'ibiribwa bikunda kuribwa cyane n'abantu b'aho atuye -. (Mubwiye) AYA MAGAMBO KUGIRA NGO MWIZERE IMANA NYAGASANI N'INTUMWA YAYO; N'IBYO BIVUZWE NI IMBAGO Z'IMANA NYAGASANI, (ntimuzirengere); KANDI NO KU BAHAKANYI (abakafiri) HARI IBIHANO BIHAMBAYE (bibabaza)." Q.58;3-4.

5. IGISIBO CYO KWITONESHA KU MANA NYAGASANI (Siyâm At-tatawa'a):

Ni igisibo gikorwa n'ubishatse kuko kitari mu mubare w'ibisibo by'itegeko. Gusa, uwiyemeje kugisiba aba yubahiriza imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- kuko yakundaga gusiba bene ibyo bisibo mu rwego rwo kwitonesha ku Mana Nyagasani.

Urugero: Igisibo cyo ku wa mbere no ku wa kane buri cyumweru biri mu bidategetswe.

ITEGEKO RY'IGISIBO

Igisibo cy'Ukwezi gutagatifu kwa Ramadhâni kiba buri mwaka ni itegeko kuri buri Muyisumu ukuze kandi ubishoboye, umugabo cyangwa umugore. Ni imwe mu nkingi 5 za Islamu, bityo kikaba kiri mu nyigisho z'iyoboka-Mana.

Icyerekana ko igisibo cyo mu Kwezi kwa Ramadhâni ari itegeko, bigaragarira muri ibi bikurikira:

1. Quoran Ntagatifu:

"YEMWE ABEMERA! MUTEGETSWE GUSIBA NKUKO ABARIHO MBERE YANYU BATEGETSWE. KUGIRA NGO MUSHOBORE GUTINYA IMANA." Q.2;183.

Na none nkuko bivugwa muri ayat ikurikira:

"QUORAN YAHISHUWE MU KWEZI KWA RAMADHÂNI. NI UBUYOBOZI KU BANTU; IKIMENYETSO GIKEYE CY'UBUYOBOZI NICY'ITEGEKO.

UWO ARIWE WESE MURI MWE, UZABONA UKWEZI (kwa Ramadhâni) KUBONETSE AZASIBE UKWEZI KOSE." Q.2;185.

2. Invugo y'Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- twageje jweho na ABDALLAH mwene UMAR Al-Khattab - Imana ibishimire we na se - yaravuze, ati: "NUMVISE INTUMWA Y'IMANA MUHAMMAD -I,I,A,U-

IVUGA, ITI: UBUYISLAMU BWUBATSWE KU NKINGI ESHANU (5):

- a) Guhamya ko nta yindi Mana ibaho keretse Allah Umuhanzi w'ibiremwa byose.
No guhamya ko Muhammad ari Intumwa y'Imana.
- b) Kwitwararika ku masengesho (Salât) mu gihe cyayo cyagenwe.
- c) Gutanga amaturo (Zakât).
- d) Gusiba Ukwezi kwa Ramadhâni (Saûm).
- e) Gukora umutambagiro mutagatifu (Hija)."

Iyi mvugo y'Intumwa yakiriwe na Al-Bukhari.

Niyo mpamvu Abayislamu bahuriye kw'Itegeko ry'igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni. Ni nacyo gituma nta n'umwe uhakana iryo tegeko, kuva mu ntangiriro z'ubuyislamu kugeza magingo aya. Akaba ariyo mpamvu uhakanye ko gusiba Ukwezi kwa Ramadhâni ari ibimugomba (itegeko) afatwa nk'umuhakanyi muri Islamu.

IGISIBO CYATEGETSWE RYARI?

Igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni cyabaye Itegeko ku Bayislamu bose bakuze ku wa mbere wakurikiye amajoro abiri y'Ukwezi kwa CHA'ABAN* - soma Shabani -, ,u mwaka wa kabiri Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U- imaze kwimukira i Madina (Hijiriya).

Ukwezi kwa Ramadhâni kwategetswe by'ukuri kuba ukw'igisibo kuko uko kwezi gutagatifu arikwo kwabaye intangiriro y'ubunya buntu n'umunezero ku bantu bose, ku buryo ari no muri uko kwezi Quoran nttagatifu yahishuwemo kugira ngo iyoboreshe isi ubuyobozi bwayo, urumuli rwayo n'inema zayo.

Imana Nyagasani iravuga, iti: "QUORAN YAHISH- UWE MU KWEZI KWA RAMADHÂNI. NI UBUYO- BOZI KU BANTU; N'IKIMENYETSO KIGARAGA- ZA UBUYOBOZI GITANDUKANYA (ukuri n'ibinyo- ma)." Q.2;184.

Iyo uko kwezi gutagatifu k'umwaka kugeze, Abayis- lamu bashishikazwa cyane no gusoma Quoran, n'imitima yabo ikuzuramo amahoro. Bityo, bagakomera ku birin- diro byo kurinda Igitabo gitagatifu (Quoran) ku bihim- bano mu byo kwemera, ubupagani n'imigenzo icisha ukubiri n'umutima nama, kimwe no ku birindiro bya Quoran byo kurwanya ibishuko n'uburengane bw'ikir- emwa muntu.

* Ukwezi kwa CHA'ABAN ni ukwezi kwa munani (8) mu mezi 12 y'umwaka wa kiis- lamu.

IGISIBO GITANGIRA RYARI?

Igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni gitangira iyo ari nta kwibeshya ko ukwezi kwabonetse (kwatangiye). Ibyo byemezwa iyo hagaragaye ibi bikurikira:

1. Iboneka ry'ukwezi (ukwezi kukiboneka) mw'ijoro ryo ku wa 30 w'ukwezi kwa Cha'aban mu bihe by'umucyo, iryo boneka rigomba kwemezwa n'abagabo babiri b'in-yanga mugayo, bakemeza ko babonye ukwezi.

Bivuye kuri HUSSEIN mwene AL-Harith - soma Al-Harisi - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: IGIKO-MANGOMA CY'I MAKKA, ABDALLAH mwene Umar - Imana ibishimire we na se! - YATANZE KHU-TBA, ATI: "INTUMWA Y'IMANA MUHAMMAD -I,I,A,U- YATUBWIRIJE KUJYA TWIZERA MU MBONEKO Y'UKWEZI; IYO UMUNTU ATAKUB-ONYE (kukiboneka) ARIKO HAKABA HARI ABANTU BABIRI B'INYANGAMUGAYO BAKUBONYE, TUGOMBA KWEMERA IBYO BAHAMYA."

Iyi Hadith tuyisanga mu Bitabo by'Abakurikira Sun-nah (Ahlul Sunnah).

2. Imboneko y'ukwezi yabonywe n'imbaga y'abantu ben-shi ku buryo bose badashobora kubeshya.

Umubare w'abo bantu ntiwagenwe, ariko icy'ingenzi n'uko icyo batangarije abandi kiba gisanzwe gikwiye kwizerwa (singombwa ko abo bantu bavugwa baba ari

abanyacyubahiro cyangwa ngo babe ab'igitsina gabo gusa.

3. Imboneko y'ukwezi yabonywe n'umuntu umwe usanzwe ari umunyakuri, ku buryo ibyo atangarije abandi byizerwa.

Bavuga yuko mwene UMAR yavuze, ati: "ABANTU BABONYE (ukwezi kukiboneka) UBWO NANJYE MBIMENYESHA INTUMWA Y'IMANA -I,I,A,U- KO NAKUBONYE. NIBWO ATANGIYE IGISIBO ANATEGEKA ABANTU GUSIBA."

– Iyi Hadith yavuye mu Bitabo by'abakurikira Sunnah.–

Uwabonye imboneko y'ukwezi agomba kubimenyesha igice cy'umubare w'abantu abona ko nabo bashobora kubitangariza abandi Bayisumu. Cyangwa akabimenyesha Abayobozi b'idini rya Isumu bo ku murenge atuyeho (cyangwa abamuri bugufi).

UMUNSI WO GUSHIDIKANYA

UMUNSI WO GUSHIDIKANYA

Umunsi wo gushidikanya ni umunsi ukurikira ijoro ryo ku wa 30 w'Ukwezi kwa Cha'aban, igihe ikirere kiba kibuditse (ijuru ririmo ibicu byinshi) no kuba imboneko (y'ukwezi kukiboneka) iba itemejwe mu buryo budashidikanywa.

Bivugwa yuko SALT mwene ZUFR Al-Kûfi, umwe mu Bahanga bari mu Basangira - ngendo b'Intumwa y'Imana yaravuze, ati: "TWARI DUTERANIYE KWA UMAR MWENE YASSER HANYUMA BATUZANIRA INTAMA YOKEJE. NYIR'URUGO ADUSABA GUFATA KURI IRYO ZIMANO. BAMWE MURI TWE BANZE GUTAMIRAHU, baravuga, bati: "TWASIBYE". NIBWO UMAR AVUZE, ATI: "USIBA KU MUNSI WO GUSHIDIKANYA? UWO ABA ASUZUGUYE ABALQASSIM" - imana imuhe amahoro n'umugisha -.

Koko rero, gusiba ku munsi wo gushidikanya, birabujijwe, ariko iyo, nyuma y'uko hemejwe ko uwo munsi wari umunsi wa mbere w'Ukwezi gutagatifu kwa Ramadhâni, Abayislamu bagomba guhita batangira igisibo, kubera icyubahiro gihabwa uko kwezi gutagatifu n'ubwo

* Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U!- niyo yiswe ABALQASSIM kuko uyū, yari umwe mu bana b'abahungu yabyaye.

yaba ari nta mugambi wo gusiba wafashwe (niyat), mw'ijoro ryabanjirije uwo muni.

Ni ngombwa, mu buryo ubwo aribwo bwose, gusiba, n'iyumuyisumu yaba abikorera kwigengesera cyangwa guteganya.

IGIHE IGISIBO KIMARA

IGIHE IGISIBO KIMARA

Igihe igisibo kimara kuri buri manywa, kiri hagati y'umuseke w'ukuri n'irenga ry'izuba, nkuko byavuzwe n'Usumba byose (ALLAH), mw'isurat yitiriwe "INKA": "MURYE KANDI MUNYWE KUGEZA IGIHE MUGARAGARIWE N'UMUCYO W'UMUSEKE UTANDUKANYA UMWIJIMA W'IJORO. NYUMA MWUZUZE IGISIBO KUGEZA N'IJORO (Izuba rirenze)." Q.2;187.

Bivuye kuri mwene UMAR - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: "INTUMWA Y'IMANA -I,I,A,U!- YARI AFITE ABAHAMAGAZI* BABIRI: BILÂLI N'UMUHUNGU WA UMM MAKHTOUM, W'IMPUMYI.

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, ati: "BILÂLI AHAMAGARIRA ISENGESHO (Adhân) IYO HAKIRI N'IJORO; MUJYE MURYA KANDI MUNYWE KUGEZA UBWO UMUHUNGU WA UMM MAKHTOUM Nawe AHAMAGARIYE ISENGESHO."

Mwene UMAR yarakomeje aravuga, ati: "HAGATI Y'AYO MAHAMAGARA YOMBI, NTA MWANYA MUNINI WAHITAGA USUMBIJE UWO BILÂLI YAKORESHAGA KUGIRA NGO YURIRE

* ABAHAMAGAZI ni abantu hamenyeshya Abayislanu ko igihe cyo gusali cyegereje. Iyo barimo guhamagara, ababumvise bavuga ko barimo gutanga ADHÂNA.

NO KUMANUKA (mu Munara aho yahamagariraga)."

Na none mwene UMAR yarakomeje aravuga, ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "IYO IJORO RITASHYE HANO (mu burasirazuba bwo hagati) N'UKO AMANYWA MU KUGENDA ANYURA HARIYA (mu burengerazuba), UBWO IZUBA RIBA RIRENZE, UWASIBYE ASHOBORA GUSIBURUKA."

- Izi mvugo zombi (Hadith) zakiriwe na Al-Bukhâri.-

Kandi niba mu gihugu runaka, amanywa cyangwa ijoro ari birebire, ku buryo ku manywa cyangwa kw'ijoro hasigara agace k'ubusa busa, abaturage bashobora kugereranya igihe cy'amanywa ashobora kumara cyangwa icy'ijoro rimara, hakoreshejwe igereranya ku gihugu cya kiislamu kiri bugufi usangamo ijoro n'amanywa biringaniye, kugira ngo bashobore gukora amasengesho yabo nta ngorane n'igisibo cyabo kigakorwa mu buryo bubashobokeye.

Imana Nyagasani iravuga muri Quoran, iti: "IMANA IRABASHAKIRA IBIBOROHEYE, NTABWO IBASHAKIRA IBIBAKOMEREYE. KANDI MURANGIZE ICYO GIHE CY'IGISIBO; MUSINGIZE IMANA NYAGASANI YABAYOBOYE. KUGIRA NGO MUSHOBORE GUSHIMIRA." Q.2;185.

Ubwitonzi bw'imana buvuga mu buryo bugaragara bw'amarenga k'uko igisibo gikorwa ku manywa, bikaba bisobanura yuko igisibo ari igikorwa Imana Nyagasani yashatse kugeragezamo ikiremwa muntu, kugitoza

guhirimbanira kwibombarika k'Umuremyi, kwihangana no gukomera imbere y'ubugenge bwo kwirinda inabi, kimwe no kugerageza intera yo gukomera kw'umuntu imbere yo guhagarika ingeso ze. Ntidushobora gushidikanya ko ibyo byose bitagerwaho mu gihe cy'igisibo gikozwe n'ijoro, kuko ijoro ari igihe Imana Nyagasani yageneye ikiruhuko (gusinzira). Kubera izo mpamvu, ntibishoboka kugira ngo hasuzumwe ubushake bw'umuntu buzira uburiganya hakoreshejwe igisibo.

Kwigomwa ku manywa, kurya no ku nywa mu gihe cyo mu Kwezi kwa Ramadhâni, bigize ihindagurika ry'ingeso za buri muni z'abantu, kugira ngo bashobore kwisuzuma no gutekereza (k'ubuzima bwabo bwa hano kw'isi no k'ubuzima bwo mu gihe kizaza - umuntu amaze gupfa - hanyuma akazazurwa ku muni w'Imperuka kugira ngo acirwe urubanza n'Umuremyi we, rw'ibyo yakoze akiri kw'isi).

Umutima wabo (abantu) ukiyumvamo ko witeguye (kugera) ku bwuzure - kunoza no kubaho ari abanyambaraga, bayobowe, no kwigishwa.

Bityo, igisibo cyaje ari nk'ubuhirwe bw'ishusho yubahitse yo mw'ijuru ku muntu, iyo yaneshejwe n'ishusho y'ubunyamanswa yo kw'isi.

Roho y'umuntu ikeneye buri gihe umwitozo ngorora ngingo wo mu rwego rw'iyoboka - Mana, ubwo uwo mwitozo ukorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe, nyuma y'uko umubiri wari umaze igihe cy'ukwezi cy'amezi cumi na kumwe (11) uhirimbana gusa ku bintu bifitanye isano n'isi.

Na none igisibo, nicyo kigize umwitozo w'ingorora ngingo uruta iyindi yo mu rwego rw'iyoboka-Mana; koko rero, igisibo gitoza roho z'abapfayongo, no guteza imbere kamere nyamuntu y'ubupfura n'ubuntu.

Ibyo byose bikubiye mu jambo ry'Imana Nyagasani riri muri Quoran. Imana yaravuze, iti: "GUSIBA NI BYIZA KURI MWE IYABA MWARI MUBIZI." Q.2;184.

IKIBAZO KW'IBONEKA RY'UKWEZI

IKIBAZO KW'IBONEKA RY'UKWEZI

Abahanga benshi bo mu bihe bya kera niby'ubu batekereza ko atari ngombwa kwita ku mpaka ziterwa n'iboneka ry'ukwezi (kukiboneka), kugira ngo bashobore kunga imbaga y'abayisumu, by'umwihariko mu birebana no kuramya Imana Nyagasani buri munsu no ku munsu mikuru y'idini.

Ni kimwe n'uko guhuriza ku ngingo imwe yo gutangira igisibo ari imwe mu mpamvu z'ingenzi zishobora gukomeza ubuvandimwe buri hagati y'abayisumu bo mu bihugu byose, no kubahuriza hamwe ku cyemezo gihuriweho na bese, no kubaga-nisha mu cyerekezo kimwe.

Muri ibi bihe abayisumu dukeneye guharanira ubusugire bwacu, ukwiyegeranya, no gukomera ku bumwe bwacu imbere y'abandi bacu b'impane zose n'amoko yose. Ni ngombwa rero ko, igihe imboneko y'ukwezi (kukiboneka) yabaye inkuru y'impamo muri kimwe mu bihugu by'abayisumu, ni ibitu-reba twese abayisumu muri rusange bo mu bindi bihugu, gusiba tukimara gutangarizwa iyo nkuru iba ikomotse kw'isoko y'ukuri.

Turebe n'icyo Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U!- ibivugaho. yaravuzeiti: ntimuzasibe mutabanje KUBONA UKWEZI KANDI NTIMUGASIBURUKE NA NONE MUTAKUBONYE."

– Iyi Hadith yabwiwe Abayisumu bese bo kw'isi. Yakiye na Al-Bukhâri na Muslim.

Na none ku byerekeye iboneka ry'ukwezi (kukiboneka), Imana Nyagasani yaravuze, iti: "MURI MWE UZABONA UKWEZI CYANGWA YUMVISE KO KWABONETSE AZASIBE." Q.2;183.

Iryo jambo ry'Usumba byose riratsindagira ukubaho k'ukwezi ntabwo ryibanda gusa kw'iboneka ryako. Ibyo bikaba bishaka gusobanura yuko umuntu utari m'urugendo mu kwezi kwa Ramadhâni maze akamenya ko kwabonetse, agomba guhita atangira igisibo niba ari muni y'iryo tegeko ry'Imana Nyagasani.

No ku birebana n'abantu batuye mu bihugu biri mu musumbane bw'ikibariro (cy'amasaha) ku gihugu cyabonetsemo ukwezi, mu gice cy'ijoro kwabonetsemo, umunsi uhuje n'iryo joro ufatwa nk'aho ari umunsi wa nyuma w'ukwezi kwa Cha'abân, bagomba gutangira igisibo ku muni ukurikiyeho.

Ku rundi ruhande, abahanga bamwe muby'ubumenyi bw'imibumbe yo mu kirere, bafashe akamenyere ko gukora Kalendari y'ukwezi kwa Ramadhâni, mbere y'iyemezwa ry'imboneko y'ukwezi, bashingiye ku miterere y'iyomibumbe yo mu kirere. Nyamara iyo miterere siyo igize amahame; koko rero, ubuhanga bw'imboneko y'ukwezi bushobora kubavuguruza, maze n'ukwezi kukigaragaza ku muni ubanziriza uwo bakwiteguyeho (uwo bari bemeje kuri Kalendari zabo).

Ni ngombwa rero gushyira ahagaragara k'uko Abayis-lamu batizera gusa muri rusange muri za Kalendari zonyine z'ukwezi kwa Ramadhâni zakozwe hakurikijwe

imiterere y'imibumbe yo mu kirere.

Ahubwo, bahora biteguye, buri mwaka, kw'iboneka ry'ukweziyo bakubonye, bagasiba, baba bata kubonye, bakabara iminsi 30 y'ukwezi kwa Cha'abân.

Hakurikijwe umuco wa kiislamu, Umuyislamu abwiri-jwe, iyo abonye ukwezi cyangwa yagutangarijwe, gusaba Imana muri aya magambo; nkuko byari mu mugenzo w'Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U!-.

Bivuzwe na TWALIHA mwene Abdillahi - Imana imwishimire!- ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- iyo yabonaga Ukwezi kwa Ramadhâni (kukiboneka) yaras-abaga, iti: "MANA YACU, UKU KWEZI UTUZAN-IYE KUBE UK'UMUTEKANO NO KWEMERA; AMAHORO NO KUROKOKA, NYAGASANI MANA YACU, UKU KWEZI KUBONETSE KUBE IKIMENY-ETSO CYO KUYOBOKA N'IBYIZA."

- Iri sengesho turisanga mu Bitabo by'abakurikiza Sunnah-.

NINDE UTEGETSWE GUSIBA?

NINDE UTEGETSWE GUSIBA?

Umuntu wese w'umuyislamu, ukuze kandi muzima utarataye ubwenge, ategetswe gusiba Ukwezi kwa Ramadhâni. Abadohorewe kuri iryo tegeko ryo gusiba ni aba: - Uri mu rugendo, umurwayi udashobora kwihanganira igisibo, umugore uri mu mihango ya buri kwezi n'utwite cyangwa uri mu gisanza, ibi bikaba bisobanuwe mu buryo bukurikira:

A - Igisibo ntigitegetswe ku bana bakiri bato. Cyokora, Abayislamu ba mbere bari bitaye by'umwihariko k'urubyiruko rw'abana, no gutuma nabo bifatanyaga na bakuru babo mu migenzo y'iyoboka-Mana (y'idini) ya kiislamu, harimo n'igisibo; koko rero, babamenyerezaga gusiba mu minsi mike kugira ngo babibatoze bakiri bato gusiba ukwezi kwa Ramadhâni, ngo nibamara gukura bazabe barabimenyereye.

Ni kimwe, n'uko ari byiza kubwiriza abana gusenga (gusali) bakiri bato, mu rwego rwo kubibatoza.

Nkuko byavuzwe na ABDULLAH umuhungu wa Umar-Imana ibishimire we na se! - ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "MUTOZE ABANA BANYU GUSENGA (gusali) KUVA BAKIRI MU KIGERO CY'IMYAKA IRINDWI (7); NIBAGERA MU KIGERO CY'IMYAKA CUMI (10), MUJYE MUBAKUBITA NIBA BADA KOZE ISENGESHO,

KANDI MUJYE MUBARAZA MU BURIRI BUTAN-DUKANYE (abahungu ntibaryame ku buriri bumwe n'abakobwa)."

- Iyi mvugo y'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- (Hadith) yakiriwe na ABU DAOUD.-

B - Igisibo ntigitegetswe ku muntu udashobora kucyiha-nganira:

1. Umurwayi, igisibo gishobora kuzambya uburwayi bwe, cyane cyane iyo umuganga umuvura yamugiriye inama yo kudasiba. Cyokora, iyo akize uburwayi, agomba gukora igisibo cyo kwishyura. Imana Nyagasani yaravuze, iti: "UMURWAYI CYANGWA URI KU RUGENDO AGOMBA GUSIBA IMINSI INGANA (n'iminsi atasibye). IMANA IBASHAKIRA UBWOR-OHERWE NTABWO IBASHYIRIRAHU IBIBAKO-MEREYE." Q.2;185.

Umuganga ashobora kubuza umurwayi gusiba kubera impamvu zikurikira:

- a) Indwara zikomeye: Igituntu, indwara zifata mu gituza (asima, bronshiti, n'izindi...), umutima, kuribwa munda cyane, biherekejwe no kuruka cyangwa guhitwa.
- b) Ikibyimba cyo ku gifu, indwara yo kuribwa mu mara cyangwa kuribwa mu gifu cyane.
- c) Ihoma (kugira umuriro ukabije) kuko, muri icyo gihe, umurwayi agomba kunywa amazi menshi.
- d) Ubuhungabane bw'ubwenge, buherekejwe no kunanuka.

- Izi mpamvu zivuzwe haruguru, tuzisanga mu Bitabo by'abakurikiza Sunnah. -

Cyokora, ni byiza kwitegereza, ko igihe umurwayi afite uburenganzira bwo kudasiba, ko urwo ruhushya rwo kudasiba rutava ku nama hamwe n'ibyo muganga amutegeka, ko ahubwo biba biturutse no ku cyifuzo cy'umurwayi ubwe, hamwe n'uko Umuganga n'umurwayi badaca ukubiri n'amategeko y'idini (Chari'a - soma Shariya -) ategeka gukora ibitaruhanyije no kubuza agahato. Ibyo aribyo byose, ni ngombwa ko Umuganga n'umurwayi batibagirwa iri jambo ry'Imana Nyagasani aho avuga, ati: "GUSIBA NI BYIZA KURI MWE. IYABA MWARI MUBIZI." Q.2;184.

Mu gihe cyo gushidikanya, n'iyi ingaruka y'igisibo (k'umurwayi) itari buhite igaragara, ni byiza ko Umuyis-lamu akoresha kugerageza no gukora ibishoboka n'iyubahirizwa ry'amategeko kugira ngo icyubahiro cy'Ukwezi kwa Ramadhâni kutabimburirwa no kureka igisibo.

2. Ubusaza (k'umuntu ukuze cyane) busonera igisibo, kimwe n'uburwayi budakira; muri ubu buryo bwombi, umuntu (w'umusaza, umukecuru cyangwa umurwayi ufite indwara idakira), agomba kugaburira umukene mu minsi ingana n'iyi yagombaga gusiba muri icyo gisibo cya Ramadhâni (iminsi 30 cyangwa 29).

Mwene ABBÂS - Imana imwishimire! - yakiriye imvugo y'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yerekeye ibivugwa muri Quoran, 2;184. "ABAGOMBAGA GUSIBA

ARIKO NTIBABIKORE (ntibabi - shobore), BAGOMBA, MU MWANYA WO KWISHYURA, KUGABURIRA UMUKENE.”- ibyo, bishaka gusobanura ko igikorwa cyo gutanga ibyo kurya cyangwa ibyo gusiburukaho igihe igisibo kirangiye, cyemerewe gusa umuntu udashobora kwihanganira igisibo cyangwa urwaye indwara idakira.

- Iyi Hadith yakiriwe na ANNASSÂI. -

3. Uri ku rugamba (JIHAD) mu nzira yo guharanira ijambo ry’Imana (Inzira y’Imana) cyangwa urwanirira Igihugu cyamubyaye, afite uruhushya rwo kwica igisibo cya Ramadhâni ku manywa iyo atinya ko gishobora gutuma abura imbaraga. Agomba rero gukora igisibo cyo kwishyura, nyuma yo kurangiza intambara.

Bivuzwe na JABIR MWENE ABDILLAH Imana Nyir’ubutagatifu buhebuje ibishimire we na se;- yavuze ko Intumwa y’Imana Muhammad -I,I,A,U!- yakozwe urugendo mu mwaka wo kwigarurira Makka mu gisibo cya Ramadhâni, asibye, agera ahitwa Kurâ’a Al Ghamim, abari hamwe nawe nabo bari basibye, ahamagaza imbindi irimo amazi (abandi bita igerasi) bayimuzaniye ayishyira hejuru aho abantu bayireba, n’uko anywa amazi, nyuma abari hamwe nawe nabo baranywa. Nyuma bamenyeshije Intumwa y’Imana ko hari abantu muri bo bagisibye; Intumwa y’Imana iravuga, iti: “ABO NI ABATUMV-IYE IMANA N’INTUMWA YAYO.” - Ibivuga kabiri -.

Hari abavuze kuri iyi mvugo y’intumwa y’Imana ko abantu babwiye Intumwa y’Imana ko hari abantu bashi-

dikanyije ku gisibo cyabo. Nyuma y'isengesho (Salât) rya nimunsi, Intumwa y'Imana yongera guhamagaza imbindi irimo amazi irayanywa, n'abari hamwe nawe bose barayanywa.

- Iyi mvugo yemejwe na Muslim. -

Urwibutso: - Uko niko uruhushya rwo kudasiba mu rugendo rwabonetse.

4. Uri ku rugendo nawe afite uruhushya rwo kwica igisibo cya Ramadhâni ku manywa nkuko bivugwa n'iri jambo ry'Imana Nyagasani riri muri Quoran: "UMURWAYI CYANGWA URI KU RUGENDO muri Quoran: "UMURWAYI CYANGWA URI KU RUGENDO AZASIBE (nyuma yo gukira indwara ye cyangwa nyuma yo kuva mu rugendo rwe) UMUBARE W'IMINSI INGANA (n'iyi atasibye). IMANA NYAGASANI IRABA - SHAKIRA IBIBOROHEYE..." Q.2;185.

Cyokora, ni byiza, ko uri ku rugendo asiba mu gihe yumva ko yabishobora (ntiyitwaze ko ari ku rugendo gusa).

UMAR mwene Abdul Azîz - Imana imwishimire! - yavuze ku byerekeye gusiba no kureka gusiba ku muntu uri ku rugendo, ati: "IGIKWIYE GUHITAMO (gukorwa) MURI IBYO BYOMBI NI ICYOROSHYE KURUSHA IKINDI."

Uruhushya rwo kudasiba mu rugendo rwemewe ni urwo umugenzi ashobora gukomatanya amasengesho y'ibihe bibiri bikurikiranye no kugabanya ibihagararo byayo.

Urugero: - Isengesho rya saa sita n'igice
(Salaât Adhuhuri) hamwe n'iryo ku gica muni, cyan-
gwa isengesho rya nimugoroba cyangwa iryo mu mataha
y'inka (Al Maghrib na Al'Ishâi). Uretse ko isengesho rya
nimugoroba (Al Maghrib) ritajya rihinduka, (rifite
ibihagararo bitatu), n'isengesho rya mu gitondo ritajya
rikomatanywa: isengesho rya Adhuhuri, Al'Asr na
Al'Ishâi; iyo akozwe mu buryo bwo gukomatanya agenda
akorwamo Ibihagararo bibiri bibiri.

Naho kuwaraye afashe umugambi (niyat) wo gusiba
maze akajya ku rugendo ku manywa (akurikira iryo Joro
yaraye afashemo umugambi), ashobora kwica igisibo
guhera igihe atangiriye urwo rugendo. Kimwe n'uwaru
usanzwe yariteguye urugendo maze igisibo kigatangira
nawe ari butangire urugendo rwe, uwo nawe afite ubur-
enganzira bwo kwica igisibo, akazishyura iminsi ingana
n'iyi atasibye igihe azaba yaravuye mu rugendo rwe.

Bivuye kuri OBEYDI mwene JUBEYR - Imana imwi-
shimire! - yaravuze, ati:

Nafashe ubwato ahitwa Fostât ndi kumwe na ABU
Basra Al-Ghaffâri, muri Ramadhâni. Yabanje kwigizayo
ifunguro yari agiye gufata (ngo impumuro yaryo itamer-
era nabi kandi ndi mu gisibo), nyuma ararinnye gereza,
aravuga, ati: "Igira hino (dufungure)." Naramusubije,
nti: "Ntabwo nkiri umwe mu abagize amazu?"

* NTABWO NKIRI UMWE MU ABAGIZE AMAZU? iryo jambo ryavuzwe na
OBEYDI mwene JUBEYR rirashaka kuvuga ngo: "Mbese ntabwo nkiri umwe mu
Abigisha b'Intumwa y'Imana? -I.I.A.U!-".

Abu Basra aravuga, ati: “Wanze gukurikiza imigenzo (Sunna) y’Intumwa y’Imana -I,I,A,U!-”.

5. Umugore utwite iyo igisibo gishobora kumuba - ngamira cyangwa iyo uruhinja atwite narwo rushobora guhungabanywa, afite uruhushya rwo kwica igisibo. Kimwe n’umugore wonsa, bombi bagomba gusiba kuva igihe bakiranukiye n’ibyatumye bica igisibo cyabo; mu rwego rwo kwishyura umubare w’iminsi ungana n’uwo batasibye.

Bivuye kuri ABU Qallaba (soma Kalaba) - Imana imwishimire! - yatugejejeho ibyavuzwe na ANNAS mwene Maliki wavuze, ati: “Negereye Intumwa y’Imana -I,I,A,U!- kugira ngo tunganire kw’ibyho umurimo wacu (wo kwigisha no kwamamaza Islamu) - igihe yarimo gufata kw’ifunguro rya mugitondo -.

Aravuga ati: “NGWINO DUSANGIRE.” Ndamusubiza, nti: “Ndasibye.” Nibwo ambwiye, ati:

“NONEHO NYEGERA NKWIGISHE IBYEREKEYE IGISIBO; IMANA NYAGASANI YATEGETSE URI MU RUGENDO KUGABANYA ISENGESHO (Salât) N’IGISIBO, KANDI YOROHEREJE UMUGORE UTWITE N’UWONSA KUDAKORA IGISIBO.”

– Izi Hadith zombi tuzisanga mu Bitabo by’abakurikiza Sunnah. –

6. Abagore bari mu mihango ya buri kwezi (Heith) - soma heyzi - n’abagore bari mu gisanza (Nifâs) bafite uburenganzira bwo kudasiba. Mu gihe umugore ari muri ibyo bihe byombi agasiba, igisibo cye nticyemerwa.

Bagomba kwishyura iminsi batasibye bavuye muri ibyo bihe.

Iyo amaraso y'umugore uri mu mihango (Heidh) cyangwa ay'uri mu gisanza (Nifâs) ahagaze mbere y'uko umuseke utambika, abo bagore bombi bagomba gutangira igisibo ku munsu ukurikiyeho, ari uko babanje gufata umugambi wo gusiba muri iryo joro. N'iyi baba batafashe uwo mugambi wo gusiba, bagomba kwigomwa ikiribwa icyo aricyo cyose cyangwa icyo kunywa; bagatangira igisibo cyabo kuri uwo munsu.

Umugore uva (amaraso) mu gihe kitari icyo (asanzwe agiramo mu mihango ya buri kwezi), cyangwa ngo abe ari mu gisanza, uwo agomba gusiba no gusenga (gusali) ari uko abanje kwisukura mbere ya buri sengesho (Salât) kuko ayo maraso aba ari umwanda w'ubwandure.

IBIGIZE IGISIBO

1. **UBUYISLAMU:** Imwe mu mpamvu zituma ibikorwa byo kuramya (Ibadâts) bigira agaciro, n'uko bikorwa n'Umyuyislamu.

Igisibo cy'uwo ariwe wese uri mu buhakanyi (ukora ibyo kubangikanya Imana, n'ibindi..) kandi asibye, nta gaciro igisibo cye kiba gifite. Kimubarwaho iyo Imana Nyagasani yamaze kumuyobora muri Islamu.

2. **UMUGAMBI (Niyat):** Igisibo kigira agaciro iyo uwasibye yafashe umugambi wo gusiba.

Umugambi wo gusiba ugomba gufatwa mw'ijoro (ribanziriza gusiba), hagati y'uko izuba ryarenze n'uko umuseke utambika, nkuko tubibwirwa na HAFSA - Imana imwishimire! - umugore w'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- wavuze, ati:

"UWO ARIWE WESE UTABANJE KWIYEMEZA GUSIBA, MBERE Y'UMUSEKE, UWO NTIYAKIRIRWA IGISIBO CYE."

- Iyi hadith yanditswe mu bitabo by'aba Sunnah. -

Mu ayandi magambo, n'ukuvuga ko, igisibo cy'umuntu utabanje gufata umugambi mbere y'umuseke, nta gaciro kiba gifite. Umugambi wo gusiba uturuka k'umutima, ntabwo ari ngombwa ko umuntu awuvuga mw'ijwi riranguruye. Ariko kandi, ni ngombwa kwitegura kuza kurya idaku (ifunguro rya nyuma mw'ijoro) - SUHUR - no

kumenya igihe cyo gutangira igisibo.

Umugambi wo gusiba ushobora gufatwa inshuro imwe mu ntangiliro y'igisibo gikurikira, n'ukuvuga igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhâni, icyo kwicuza (Kaffâra) - cyangwa igisibo cyo kwishyura icya Ramadhâni, igisibo cyo kwicuza igihe cyo gushaka kugarukira umugore (Kaffâra ya dhihâr) n'igisibo gikorwa mu rwego rwo kwicuza ubwicanyi butagambiriwe hamwe n'igisibo cyo kwiton- esha ku Mana Nyagasani (An-nadhâr), iyo umuyislamu yafashe umugambi wo gusiba igisibo cy'iminsi ikuri - kiranye.

Iyo ari kubera impamvu iyo ariyo yose, nk'uburwayi, urugendo cyangwa umuhango wa buri kwezi w'umugore, igisibo cy'iminsi ikurikiranye kikiwa, ni ngombwa kong- era gufata umugambi wo gusiba mw'ijoro.

Naho k'uamaze gufata umugambi wo gusiba akaza kuwigizayo (ntawubahirize) umuseke ugatambika atari yisubiraho (ariko kumanywa akaza gusiba), igisibo cye nta gaciro kiba gifite. Bene uwo, azakora ikindi gisibo cyo kwishyura (uwo munsu).

IBITUMA IGISIBO CYANGIRIKA

IBITUMA IGISIBO CYANGIRIKA

Igisibo cyononwa n'ibi bikurikira:

1. Imibonano y'umugabo n'umugore we(kubaka urugo) ku manywa.
2. Gusohora ku manywa k'ubwende. Ariko, igisibo nticyangirika iyo umuntu asohoye biturutse ku nzizi (ku manywa).
3. Kwinjiza k'ubushake ikintu icyo aricyo cyose gikomeye mu miyoboro ngogozu y'uwasibye cyangwa igitemba gicishijwe mu myenge kamere y'umuntu (mukanwa no mu mazuru).
4. Kunywa itabi cyangwa kurishoreza.
5. Kwiya (gucisha umuti mu kibuno hakoreshejwe umupira wabigenewe). - Ariko guterwa urushinge mu mubiri cyangwa mu mitsi, ubwabyo byonyine - ntibyanga igisibo, cyeretse iyo urushinge rukora mu kigwi cy'ibiryo.

Uri mu gisibo agomba guhitamo guterwa bene izo nshinge cyangwa kwiya umuti mw'ijoro.

Bivuye kuri ABU HURAYIRA - Imana imwishimire! yatugejejeho iyi mvugo y'Intumwa y'Imana -I,I,A,U- yaravuze, ati: "UWO ARIWE WESE UZICA IGISIBO K'UBUSHAKE MU KWEZI KWA RAMADHÂNI, ARI NTA BURENGANZIRA BWATANZWE N'IMANA NYAGASANI, UWO NTABWO ASHOBORA

KUBONA IBYO YISHYURA UWO MUNSI (yishe) KABONE N'IYO YASIBA IGISIBO CYO KWISHYURA MU GIHE KITAGIRA IHEREZO."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri -.

Mu yindi mvugo, uwo ariwe wese wishe k'ubushake igisibo cya Ramadhâni nta mpamvu (igaragara) yabimuteye - Imana Nyagasani yemera -, atakaza umugabane munini w'ibihembo by'ibyiza yakoze, adashobora kuzongera kubona kabone n'iyo yasiba mu gihe kitagira iherezo". Ibi bikaba bigaragaza agaciro k'ibihembo by'Imana Nyagasani (ALLAH).

Amabwiriza dukura mu migenzo - Sunna - (Al-Dhâri) avuga (kandi n'abemera bese bemeza kuri iyi mvugo) ko uhagaritse (uwishe) igisibo cya Ramadhâni atari kubera uburwayi ari umuntu mubi cyane (abona ibyaha byinshi) bisumbye iby'umusambanyi n'umusinzi; ndetse biremewe ko umuntu ashobora gukemanga ubuyisumu bwa bene uwo no kumufata nk'umwirasi (indashimira) n'umuntu udashyira mu gaciro (waremajwe na kamere mbi).

ICYIRU CY'IGISIBO (Kaffâra)

Icyiru cy'igisibo (Kaffâra) cyemejwe kubera abishe ubutagatifu cyangwa abatubahirije (icyubahiro) cy'igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhâni, iyo cyishwe k'ubushake. Icyo cyiru gitangwa kubera icyaha gikomeye baba bakoze.

Icyiru cy'igisibo gishobora gutangwa muri ubu buryo bukurikira:

1. Gukora igisibo cy'amezi abiri (2) akurikiranye, hakurikijwe imboneko y'ukwezi, iyo gitangiwe k'umunsi wa mbere w'ukwezi.

Naho iyo icyo gisibo gitangiriwe mu kwezi hagati, ni ngombwa gusiba ukwezi kose (kwuzuye) kw'iminsi mirongo itatu (30) mu kwezigukurikiyeho cyangwa ukutuzuye (gufite iminsi 29), hanyuma hakuzuzwa iminsi ingana n'iyaburaga mu kwezi kwa kubanjirije, kandi ibyo bigakorwa m'ukwezi kwa gatatu gukurikiyeho gufite iminsi 30.

Uwishe k'ubushake umunsi umwe w'icyo gisibo aba acyangije; agomba rero kugitangira bundi bushya. Koko rero, bene icyo gisibo kigomba gukorwa mu buryo bwungikanyije (bukurikiranye), mbese nk'igisibo cy'icyiru cyo kugira ngo umugabo agarukire umugore we cyangwa icyiru gikorwa kubera ibigambo bibi biba byavuzwe, n'icyiru cy'uwishe mugenzi we w'umuyisumu ku mpamvu zitamuturutseho. Ubwo bwoko bw'icyiru bwitwa "ICYIRU GIKURU".

Naho ku byerekeye "ICYIRU GITO", gikorwa mu buryo bw'icyiru (FIDYA - soma Fidiya) gitangwa mu biribwa, ibi bikaba bivugwa mu murwi usobanura "UTE-GETSWE GUSIBA" twamaze kuganiraho (reba k'urup 49-50).

2. Kugaburira abakene mirongo itandatu (60) (Miskîn), umumiskîn uvugwa hano ni umukene n'umuntu uri mu byago, badashobora kubona ibibatunga mu gihe kingana n'umwaka (umwe); ibyo biryo abo bakene 60 bagaburirwa bigira agaciro iyo abasanzwe batunzwe n'uri mu gisibo batari muri uwo mubare (abyeyi be, umugore n'abana be).

Umuntu urimo gutanga icyiru cy'ibyaha yakoze (Mukaffir) agomba guha buri mukene umwe muri abo 60 (Miskîn), ibingana n'ibiribwa biri mu mashyi abiri (Modd*) bisanzwe biribwa n'abantu benshi bo mu gihugu arimo mu gisibo. Ashobora kandi no gutanga ibihwanye nabyo mu mafaranga, cyangwa gutanga indyo ebyiri z'ibyo asanzwe arya, ku mubare w'abantu bavugwa haruguru (abakene 60), kandi ibyo bikaba na none bingana n'ibyo arya ku manywa na nimugoroba, cyangwa ibyo arya nimugoroba (Futûr) no kw'idaku "Suhûr" (indyo yo murukerera). Ni kimwe na none n'uko; ashobora kugaburira umukene umwe gusa (Miskîn mu gihe kingana n'iminsi mirongo itandatu (60)).

* "Modd": ni uburemere cyangwa ubwinshi bw'ibi-ribwa biri ku mashyi abiri - Urwo nirwo rugero "Modd" rw'Intumwa y'Imana y'Imana Muhammad -I.I.A.U!- yakoresheye.

IGISIBO CYO KWISHYURA GIKORWA
(Al-Qadhâ)

UKO IGISIBO CYO KWISHYURA GIKORWA (Al-Qadhâ)

Ni ngombwa k'umuntu uri mu gisibo cyo kwishyura Ukwezi kwa Ramadhâni, agikora mu yindi minsi itari iy'igisibo cya Ramadhâni.

Umuntu ucyerereje igisibo cyo kwishyura (Al-Qadhâ - soma Al-Kazaa) kugeza igihe cya Ramadhâni y'umwaka ukurikiyeho agomba kubanza gusiba uko kwezi (Ramadhâni) hanyuma agakurikizaho kwishyura iminsi y'igisibo cya mbere atasibye.

Igisibo cyo kwishyura (Al-QADHÂ) gishobora gukorwa mu minsi ikurikiranye cyangwa itandukanye.

Bivuye kuri ABU Omar - Imana imwishimire! - yavuze ko Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yavuze ku ibyerekeye kwishyura igisibo cya Ramadhâni, iti:

“USHAKA GUKORA IGISIBO CYO KWISHYURA MU MINSI ITANDUKANYE AZAGIKORE, N'USHAKA KUGIKORA MU MINSI IKURIKIRANYE NAWEN'UKO ASHOBORA KUBI KORA.”

- Iyi Hadith yakiriwe na Ad-Daraqṭuni. -

IBIBAZO BIBONEKA MU GISIBO

IBIBAZO BIBONEKA MU GISIBO

Umuntu uri mu gisibo ashobora, kugerwaho na bimwe mu bibazo by'ubuzima bwa buri muni. Kugira ngo rero igisibo cyeye kigire agaciro - nkuko kigomba gukorwa -, muri iyi nteruro, turi burebe bimwe muri ibyo bibazo, twibutse n'amabwiriza arebana nabyo.

Umuyisumu mbere ya byose, ni ngombwa kugaragaza kwikuramo gushidikanya uko ariko kose.

OMAR mwene Kattâb - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: "UWO ARIWE WESE UZABA ARI MU GUSHIDIKANYA, UWO NIWE UGOMBA KWIGAYA KU GITI CYE."

Ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

1. Kwangiza ubutagatifu - bw'icyubahiro - cy'ukwezi kwa Ramadhâni, kugambirira kwica igisibo k'uwasibye kumanywa.
2. Kwica igisibo bitari k'ubushake cyangwa kubihatirwa, nabyo biri mu byangiza ubutagatifu bw'uwasibye kumanywa.
3. Kwangiza, kenshi, ubutagatifu bwa Ramadhâni, ku muni umwe, ntibituma wishyura kabiri.
4. Kugira igitekerezo, mu gisibo cyo kucyica, byonona igisibo, n'iyu wasibye atari ya gihagarika. Koko rero, umugambi yateshutseho, ni umwe mu nkingi z'igisibo.
5. Kugira ngo uri mu gisibo ashobore kwibobezza no kur-

wanya ubushyuhe ku manywa, afite uburenganzira bwo kwiyuhagira, n'ubwo kwisu - kura mu kanwa, no mu mazuru (mu buryo bwo gushyiramo amazi warangiza ugahita uyapfuna).

7. Dukurikije umugenzo (Sunnah) w'Intumwa -I,I,A,U!- uko yabigenzaga ku manywa (mu gisibo); "YIMENAG-AHO AMAZI MU MUTWE KANDI ASIBYE, KUGIRA NGO ARWANYE UBUSHYUHE CYANGWA INYOTA."

- Iyi Hadith yakiriwe na AHMED hamwe na MALIK. -

Cyokora, ntabwo ari byiza (ndetse birabujijwe) ko uri mu gisibo yiyunyuguzwa mu kanwa buri kanya, cyangwa ngo acishe amazi mu mazuru na none buri kanya.

Bivuye kuri LAQIT (soma LAKITI) mwene SIRA, ngo Intumwa y'Imana yaravuze, iti:

"MU GIHE USHOREJE AMAZI, JYA UYASHOREZA AGERE KURE, CYERETSE IGIHE URI MU GISIBO".

- Iyi Hadith yanditswe mu Bitabo by'aba Sunna. -

6. Gukoresha imiti y'amaso ku manywa mu gisibo, yaba iy'amazi (Kohol, collyre) cyangwa iy'amavuta (Pomadi), ntibyonona igisibo.

Bivuye kuri ANAS - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: "Umuntu yabwiye Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- ati: - Naribwaga n'amaso maze nshyiramo umuti (Kohol)." Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- iramusubiza, iti: "NI BYIZA".

- Iyi Hadith yakiriwe na At-Trimidhi -

Koko rero, ijisho ntirishamikiranye n'imiyoboro ngog-
ozi, kandi nta buhamya na bumwe buriho bwemeza mu
buryo budakuka, ko gukoresha bene iyo miti bibujijwe.

7. Komora igikomere (kugishyiraho umuti) ntibyonona igisibo.
8. Guca inzara (z'intoki cyangwa iz'ibirenge) ku manywa mu gisibo nta ngaruka bifite yo kucyonona.
9. Kubyukana umwanda - Janâba - waturutse ku kwirot-
eraho, cyangwa k'uwaraye abonanye n'umugore we -
w'isezerano - ntibyonona igisibo. Cyokora, kugira ngo
umuntu ashobore gusenga no gutangira umunsi w'igi-
sibo akeye, afite isuku k'umubiri, ni ngombwa ko ab-
anza kwiuhagira.
10. Guhumeka umukungugu cyangwa ifu ivuye muri sima
y'ibumba (sima yo kwa muganga bahoma ku muntu
wavunitse...) cyangwa sima yubakishwa ntibyonona
igisibo, cyane cyane iyo ibyo bibaye mu rwego rw'a-
kazi.
11. Guca indasago ku mutwe cyangwa ahandi, ntibyono-
na igisibo. cyokora iyo uri mu gisibo atinya ko bisho-
bora ku muca imbaraga, abwirijwe kubireka.
12. Inzosi (zo mu rwego rwo gukundana), ku manywa
y'igisibo ntizicyonona. Cyokora, uri mu gisibo agom-
ba, iyo byamubayeho, kwiuha gira kugira ngo asho-
bore gusenga (gusali).

IGISIBO GIKWIYE (CYUZUYE)

IGISIBO GIKWIYE (CYUZUYE)

Buri wese azi neza ko igisibo ari umwitozo wo kuramya Umuremyi. Imana Nyagasani iravuga muri Quoran, iti: "YEMWE ABEMERA, MUTEGETSWE GUSIBA NKUKO ABARIHO MBERE YANYU BABITEGETSWE. KUGIRA NGO MUSHOBORE GUTINYA IMANA." Q.2;183.

Koko rero, igisibo kimenyereza ugikora kwihangana, gikomeza roho ye ntijega jege, gihembura kandi n'ubushake bwe.

Niyo mpamvu uri mu gisibo agomba kwiyibutsa ibiranga abemera, kugira ngo igisibo cye kube cyuzuye, gutyo, akazagororerwa n'Imana Nyagasani (ALLAH) igihembo gihebuje.

Igisibo Imana Nyagasani ihembera ni igisibo cyiza (kidafite ibishobora kucyangiza). Mu mabwiriza y'imyifatire ya ngombwa umuyislamu uri mu gisibo agomba kwitwararikaho, twavuga aya akurikira:

1. Uri mu gisibo agomba kumenya kwirinda ibyifuzo bye (bishingiye kw'irari ry'umutima we).

Kubera ibyo, JABER mwene Abdallah - Imana imwishimire!- yaravuze, ati: MU GIHE URI MU GISIBO, UBURYO BWawe BWO KUMVA, INDORO Yawe N'URULIMI RWawe BIGOMBA KWIRINDA IBYO KUBESHYA N'IBYO GUKORA ICYAHA."

Akomeza avuga, ati: “NTUKWIYE GUFATA UMUNSI WAWO W’IGISIBO NK’UWUNDI MUNSI USANZWE.”

“NIBA AMATWI YANJYE (ntayarinze kumva ibidakwiye), NIBA NTUBITSE AMASO YANJYE (ngo ntaraba ibiteye isoni), NO KUBUZA URULIMI RWANJYE (kutavuga amanjwe), IGISIBO CYANJYE KIZABA ARI UKWIYICISHA INZARA N’INYOTA, NO KUBA ARI NTA MUNSI N’UMWE NZABA NSIBYE.”

2. Uri mu gisibo aboneraho umwanya muri uko kwezi, wo kuvugurura ukwicuza kwe n’ukwi bombarika kuri Nyagasani we (Allah), akiyemeza mu mutima we gusoma Quoran, akanacengera inyigisho zikubiye mu mirongo mitagatifu yayo.

3. Agomba kwirinda kubeshya, ubujajwa no kuvuga ibigambo bidakwiye, nkuko tubikura muri iyi mvugo y’Intumwa y’Imana -I,I,A,U!- yaravuze, ati: “UMUNTU UTAREKA KUVUGA IBINYOMA NO KUREKA GUKORA IBIBUJWE, IMANA NYAGASANI NTIKENEYE NA BUSA KO YIGOMWA KURYA CYANGWA KUNYWA.”

– Iyi Hadith yakiriwe na mwene Khuzayman na mwene Hayân.–

4. Uri mu gisibo agomba kurushaho kwirinda ibibashobora guterwa n’umujinya cyangwa uburakari buturutse ku mpamvu iyo ariyo yose n’ubwo yaba ari nto cyane, ngo n’uko ari mu gisibo. Na none ntagomba kwigira umuntu w’intakoreka no guhohotera umur-

yango we n'abaturanyi be.

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze; iti:

“GUSIBA NTABWO ARI UKWIGOMWA KURYA NO KUNYWA GUSA. URI MU GISIBO NTAGAKORE IBIKORWA BY'UBUSHIRA SONI NO KUTARANGWA N'IMICO MYIZA. IGIHE HAGIZE UGUHOHOTERA CYANGWA AGUTUTSE, JYA UVUGA, UTI: “NDASIBYE” - ubivuge kabiri -.

– Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. –

6. Uri mu gisibo agomba kurushaho gutanga amaturo, imfashanyo n'ibindi bikorwa byiza, kubwirizanya gukora ibishimisha Imana Nyagasani no kurwanya ibaziririjwe byose.

Ngizo ingeso zigomba guhora ziranga abemera, mu bihe byose, hiyongeraho uburyo burushije ubusanzwe, igihe cyo mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhâni, Mwene ABBAS yaravuze, ati:

“Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U!- yari umwo mu bantu b'abanyabuntu bwinshi bashoboye kubaho, ariko yarushagaho kubugira mu gisibo cya Ramadhâni, iyo yabaga yakiriye Malayika JIBRIL - Imana imwishimire! - igihe yabaga aje kumusura buri joro mu kwezi kwa Ramadhâni, kugeza igihe uko kwezi kurangiriye, n'Intumwa y'Imana hamwe na Malayika JIBRIL BASIMBURANAGA GUSOMA Quoran no kuyumva (umwe yabaga arimo kuyisoma, undi akamwumviriza - agakurikira uko arimo gusoma no kumva ibisobanuro, bityo...).

Buri gihe Intumwa y'Imana yabaga yakiriye Malaika

JIBRIL, yarangwaga n'ubunyabuntu bwinshi kurusha umuyaga uzana imvura."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. -

6. Uri mu gisibo agomba kwisukura umwanda ukomoka ku gikorwa cyo guhuza ibitsina (Hadathi - soma Hadasi - Nkuru) kugira ngo ashobore gusiba afite isuku (k'umubiri).

AISHA* - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: MU GISIBO CYA RAMADHÂNI, HARI UBWO INTUMWA Y'IMANA -I,I,A,U! - UMUSEKE WAGERAGA YANDUYE ARIKO BITARI IBYO KWIROTERAHO, UBWO AKIYUHAGIRA AGAKOMEZA IGISIBO."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. -

7. Uwasibye ntagomba kureka kurya idaku (Suhûr). Ni byiza kurya idaku bitinze (mw'ijoro rya nyuma).

Bivuye kuri ANAS, yavuze ko Intumwa y'Imana -I,I,A,U! - yavuze, iti: "MURYE IDAKU, KUKO KURYA IDAKU (Suhûr) BIRIMO UMUGISHA."

- Byakiriwe (Hadith) na Al-Bukhâri. -

Na none bivuye kuri AMRU mwene AL'ASS, yavuze ko Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yavuze, iti: "ITANDUKANIRO RIRI HAGATI Y'IGISIBO CYACU (Abayisumu) NICY'ABANTU B'IGITABO (abo mu yandi madini), NI IFUNGURO RY'IDAKU (Suhûr)."

- Iyi Hadith nayo yakiriwe na Al-Bukhâri. -

Kimwe n'uko na none ari byiza kurya imbuto zitwa "ITENDE" igihe cyo gusiburuka (igihe izuba rirenze).

* AISHA yari umugore w'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!-.

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "NIBA UMWE MURI MWE ASIBURUTSE, AJYE ASIBURUKIRA KU INDYO Y'ITENDE, KUKO ARI UMUGISHA. KANDI NIBA ATAZIBONYE, AJYE ANYWA AMAZI, KUKO AMAZI ASUKURA UMUBIRI."

- Iyi Hadith yakiriwe n'aba Sunna. -

Iyi nyigisho y'INTUMWA y'Imana - Imana imuhe amahoro n'umugisha! - yayigishije kubera yuko amara y'umuntu amira amazi vuba iyo arimo isukari mu gihe kitageze ku minota itanu, ibyo bigatuma amazi yiyongera mu mubiri w'uwiye asibye no kumurinda impanuka zitabura ziterwa no kubura sukari mu maraso (hypoglycémie - soma hipogilisemi).

Na none, ni byiza k'uwiye asibye, kuvuga iri sengesho (ubusabe) rikurikira mbere yo kugira icyo arya cyangwa kunywa cyose mu gihe cyo gusiburuka nkuko wari umuco w'Intumwa y'Imana - Imana imuhe amahoro n'umugisha!- yaravugaga, iti: "KW'IZINA RY'IMANA (ALLAH)! O NYAGASANI WACU ! KUBERA WOWE, NASIBYE NO KUBERA IFUNGURO UMPAYE NDASIBURUTSE."

- Iyi Hadith yakiriwe na ABU Daoud. -

Nyuma yo gufungura itende cyangwa ikindi kiribwa kirimo sukari, cyangwa na none, nyuma yo kunywa amazi, uwasibye ashobora gusenga isengesho rya nimugoroba (Salât Al-Maghrib) hanyuma agakomeza gufata kw'ifunguro rye. Muri ubwo buryo, azamenya umugenzo mwiza wo gusiburuka izuba rikimara kurenga, n'uwo gusenga ku gihe cyagenwe.

IGISIBO GITEGETSWE (CYEMEWWE)

IGISIBO GITEGETSWE (CYEMEWE)

Igisibo gitegetswe mu minsi yose y'umwaka, uretse gusa, iminsi itegeko rya kiislamu (Charia) ryabujije gusibamo. Dore imwe mu minsi yubahirizwa bidasanzwe:

1. IGISIBO CY'UKWEZI KWA AL-MUHARRAM*

Uku kwezi kuri mu mezi matagatifu Imana Nyagasani yavuze mw'isurat "UKWICUZA", iti: "UMUBARE W'AMEZI (y'umwaka umwe) KU MANA NI CUMI N'ABIRI MU BUMENYI BW'IMANA KUVA IREMA ISI N'IJURU. MURI YO HARIMO ANE MATAGATIFU, KUBYEMERA MUTYO NIYO DINI IBONEYE. MURI AYO MEZI NTIMUKAJYE MUHEMUKIRA ROHO ZANYU (mukora ibyo Imana yababujije)." Q.9:36.

Ayo mezi ni amezi matagatifu kandi yubashywe. Koko rero, Abarabu babuzaga ko intambara iba muri aya mezi, na Islamu yaje kubishimangira.

Ayo mezi matagatifu ni aya: – DHU AL-QA'ADA (soma ZU AL-KAADA), DHU AL-HIJJA, AL-MUHARRAM na RAJAB. Igisibo cyo mu kwezi kwa Al-Muharram ni ukwezi kubashywe cyane nyuma y'ukwa Ramadhâni, kuko kurimo umunsi wa Achoura Imana Nyagasani yarakoye

* AL-MUHARRAM ni izina ry'ukwezi kwa mbere mu mezi 12 y'umwaka w'icyarabu.

Intumwa yayo MUSSA -I,I,A,U!- na Bene Israheli, mu gihe bari bavuye mu Misiri bakuri-kiwe n'ingabo za FI-R'AWUNI (Farawo).

Bivuye kuri ABU HURAYIRA - Imana imwishimire! - Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "IGISIBO (gishimisha Imana cyane) NYUMA Y'ICYA RAMADHÂNI NI ICY'UKWEZI KW'IMANA, AL MUHARRAM, N'ISENGESHO RISHIMISHA IMANA NYUMA Y'IRITEGETSWE (Al Faridha - soma Al Fariza), NI IRYO MURUKERERA."

- Iyi Hadith yakiriwe na Muslim -.

Na none, Imam AHMAD - Imana imwishimire! - yaravuze, ati: "Umuntu yaje kubaza Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- ati: "Ni mu kuhe kwezi untegetsemo gusiba, nyuma y'ukwezi kwa Ramadhâni?" Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- iramusubiza iti: "NUSHAKA GUSIBA NYUMA Y'UKWEZI KWA RAMADHÂNI, UZAJYE USIBA MU KWEZI KWA AL MUHARRAM, (kuko) ARI UKWEZI KW'IMANA* -Allah- KURIMO UMUNSI UMWE YAROKOYEMO BAMWE, NO KUBABARIRAMO ABANDI."

- Iyi Hadith nayo yakiriwe na Muslim. -

2. IGISIBO CYO KU MUNSI WA AL ACHOURA:

Ni umunsi wa 10 w'ukwezi kwa Al Muharram. Ni ukwezi kw'imigisha, Imana Nyagasani yahayemo bamwe kwicuza no kwemereramo abandi. Mubyukuri, imbabazi

* Ukwezi kwa AL MUHARRAM kwiswe ukw'Imana kugira ngo bigaragaze ko kugomba icyubahiro n'ikuzo.

z'Imana Nyagasani (Allah) zirimo imigisha myinshi.

Byavuzwe yuko MU'AWIYA mwene ABU Sufiyani yaravuze, ati: "Numvise Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- ivuga, iti: "UYU MUNSI NI UMUNSI WA ACHOURA, IMANA NTIYABATEGETSE GUSIBA KURI UYU MUNSI, ARIKO NJYE NDASIBYE; ABAZASHAKA RERO GUSIBA NI BASIBE, KANDI N'ABATAZABISHAKA NTIBASIBE."

Mwene ABBAS nawe yaravuze, ati:

"Ntabwo nigeze mbona Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- igaragaza gukunda gusiba igihe kurusha ikindi, keretse kubera uriya munsu, - ni ukuvuga umunsi wa ACHOURA, no kubera uku kwezi, - ni ukuvuga ukwezi kwa RAMADHÂNI."

- Izi Hadith zombi zakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

Bityo rero, ni byiza gusiba ku munsu ubanziriza ACHOURA n'ukurikiyeho.

3. IGISIBO CYO KU WA MBERE NO KU WA KANE*

4. IGISIBO GIKORWA MU MINSI ITATU YA BURI KWEZI

ABU DHAR (soma Abu Zar) Al Ghaffâri - Imana imwishiire!- yaravuze, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yatubwirije gusiba gatatu (iminsi itatu y'umwezi) ya buri kwezi: -ku wa 13, 14 na 15 ya buri kwezi. Irakomeza ivuga, iti: "(Gusiba iyo minsi) NI NK'AHU MUBA MUSIBYE BITAGIRA IHEREZO."

* Ibiyugwa ku gisibo cyo ku wa mbere no ku wa kane bisobanuwe mu murwi "AMOKO ANYURANYE Y'IGISIBO." (reba k'urup. 27-32).

– Iyi Hadith yakiriwe na An-Nissai. –

Cyokora, ukora bene icyo gisibo k'ubushake, afite uburenganzira bwo kugihagarika muri icyo minsi; ariko ni byiza kwishyura igisibo cyishwe.

Kugira ngo umuntu akore bene icyo gisibo (k'ubushake), umugore agomba kubanza kubisabira uburenganzira umugabo we, iyo ari ntaho yazindukiye. Nkuko bivugwa na ABU Hurayira. ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: **UMUGORE NTAGOMBA GUSIBA, N'IYO BYABA ARI UMUNSI UMWE, NTA BURENGANZIRA BW'UMUGABO WE, URETSE IGISIBO CYA RAMADHÂNI.**"

– Iyi Hadith yakiriwe na Al Bukhâri na Muslim. –

IGISIBO KIBUJIJWE

1. Igisibo cyo ku munsu wo gushidikanya:

Byasobanuwe mu murwi "UMUNSI WO GUSHIDI - KANYA. "(reba k'urup. 39-40).

2. Igisibo cyo ku minsi mikuru ibiri:

Umunsu mukuru wa Fitr (wo kurangiza igisibo cya Ramadhâni) n'umunsu mukuru wa Adhuha w'igitambo).

OMAR mwene Khattâb - Imana imwishi mire! - yavuze, ati: "Hari iminsi ibiri Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yabujijemo gusiba: umwe muri yo ni uwo kurangiza igisibo cya Ramadhâni, n'undi munsu ni utangwaho igitambo cy'amatungo yanyu."

- Iyi Hadith yakiriwe na Ahmad -

3. Igisibo cyo mu minsi ya At-Techriq (soma Tashriki):

Ni iminsi itatu ikurikira uwo ku munsu mukuru w'igitambo (Eid El-Adhuha - soma Idil'Azhâa). Iyo minsi yiswe gutyo kuko, muri icyo gihe, inyama z'amatungo yatanzeho igitambo zanyikwa ku zuba kugira ngo zitabara.

Nkuko byavuzwe na ABU Hurayira - Imana imwishi-mire!-, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yatumye ABD-ALLAH mwene Hadhâfa kuzenguruka Umudugudu wa Mina no gutangariza (abantu bawo) mw'ijwi riranguruye muri aya magambo:

"NTIMUSIBE MURI IYI MINSI, NI IMINSI YAGEN-

WE KURYA, KUNYWA NO GUSINGIZA (k'ubw-inshi) IMANA NYAGASANI ISUMBA BYOSE (Allah)."

– Iyi Hadith yakiriwe na Ahmad. –

4. Igisibo cyo ku muni wa gatanu wonyine:

Bivuye kuri ABDALLAH mwene Amrû yaravuze, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yinjira kwa DJOUWAIR-IYA - soma Juweiriya -umukobwa wa EL-HÂRITH - soma El Harisi - ku wa gatanu, isanga yasibye. Iramubaza, iti: "EJO WARI WASIBYE?" aramusvbiza, ati: "OYA" sintumwa y'imana irangerira iramubaza iti: MBESE NEJO hazaza, UGOMBA GUSIBA nawe arayisubiza ati: OYA, nibwo Intumwa y'Imana imubwiye, iti: "NO-NEHO REKA IGISIBO."

– Iyi Hadith yakiriwe na An-Nissâi. –

Bityo, iyo umuyislamu yasibye ku muni ubanziriza uwo ku wa gatanu, cyangwa agomba gusiba ku muni ukurikiyeho (wo ku wa gatandatu), cyangwa na none, iyo uwo muni (wo ku wa gatanu) ari umuni wa Achora, icyo gihe gusiba (ku wa gatanu) ntibibujijwe.

Bivuye kuri JÂBIR, Imana imwishi mire!-, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "NTIHAZAGIRE USIBA KU MUNSI WO KU WA GATANU, KERETSE NIBA YARI YABANJE GUSIBA KU MUNSI UWUBANZIRIZA (ku wa kane) CYANGWA AGOMBA NO GUSIBA BUKEYE BWAHO (ku wa gatandatu)."

– Byakiriwe na Al-Bukhâri. –

5. Igisibo cyo ku munsi wa gatandatu wonyine:

Nkuko byavuzwe n'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- igira, iti: "NTIHAZAGIRE USIBA KU WA GATANDATU, KERETSE NIBA ICYO GISIBO AGITEGETSWE (kwishyuraho umunsi w'igisibo atasibye)."

- Iyi Hadith tuyisanga mu Bitabo by'aba Sunna. -

6. Igisibo gikozwe mu mwaka wose, harimo n'iminsi mikuru ibiri (Fitr na Adhuha):

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "USIBA BURI MUNSI, UWO NTABA ASIBYE."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yabujije igisibo (kidafite iherezo cyangwa kidafashwemo ifunguro ry'idaku - Suhûr -) muri aya magambo, iti: "MWIRINDE IGISIBO (kidafite iherezo). Abasangirangendo be baramubaza, bati: "ARIKO SE, KO WOVE UBIKORA NEZA." Nawe arababwira, ati: "NJYE, MW'IJORO NYAGASANI ARANGABURIRA KANDI AKANYWESHA". NTIMUGAKORE IBISUMBIJE UBUSHOBOZI BWANYU (imbaraga zanyu)."

- Iyi Hadith nayo yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

* Ni ukuvuga ko Imana Nyagasani (Allah) imuha imbaraga nk'iz'umuntu wariye no kunywa.

**IGISIBO MU MVUGO Z'INTUMWA
Y'IMANA -I,I,A,U!-**

1. ABU ABDUR RAHMANI na ABDULLAH mwene Omar - Imana ibishimire! - baravuze, bati: "TWUM-VISE INTUMWA Y'IMANA -I,I,A,U,!- IVUGA, ITI: "UBUYISLAMU BWUBATSE HEJURU Y'INKINGI ESHANU(5):

- a) GUHAMYA KO ARI NTA YINDI MANA IBAHO URETSE IMANA IMWE RUKUMBI (Allah) NO GUHAMYA KO MUHAMMAD ARI INTUMWAM YAYO.
- b) GUKORA AMASENGESHO (Salâts) Y'ITEGEKO KU GIHE CYAGENWE.
- c) GUTANGA AMATURO ZAKÂT (umusoro w'itegeko).
- d) GUKORA UMUTAMBAGIRO MUTAGATIFU KU NGORO Y'IMANA (Allah) - iri i Makka -Hijja-.
- e)IGISIBO CY'UKWEZI KWA RAMADHÂNI."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al Bukhâri na Muslim. -

2. Nkuko bivugwa na SAHLI, ati: "Intumwa y'Imana yaravuze, iti: "MU LJURU (paradiso) HARIMO UMYANGU WITWA RAYYANI UZINJIRAMO ABAJYAGA BASIBA, KU MUNSI W'IZUKA HAZUMVI - KANA IJWI RIVUGA RITI: "ABAJYAGA BASIBA BARIHE? UBWO BAZAZA BINJIRE MURI UWO

MURYANGO. KANDI NTA WUNDI UTARASIBYE UZAWINJIRAMO. NIBAMARA KWINJIRA URUGI RUZAKINGWA KU BURYO NTAWA UZONGERA KWINJIRA."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

3. Bivuye kuri ABU HURAYIRA - Imana imwishimire!- ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "UMUNTU UTAREKA KUVUGA IBINYOMA, NO KWIRINDA GUKORA IBIFUTAMYE, IMANA NYAGASANI NTIKENEYE NA BUSA KO YIGOMWA KUNYWA CYANGWA KURYA."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri n'abandi. -

4. ABDULLAHI mwene Mas'oud yaravuze, ati: Twari kumwe n'Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- igihe yavugaga, iti: "UFITE UBUSHOBOZI BWO KURONGORA, NI UBURYO BWIZA BWO KUZIMYA INDORO ZO KUBENGUKWANA (mu rwego rw'ubusambanyi) NO GUTOZA (umuntu) KWIFATA KUBERA IBYIFUZO BY'UBUSAMBANYI. UDASHO BOYE KURONGORA ASIBE, BIZABA KURI WE NK'UMUTI UHOZA UBUBABARE."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al Bukhâri na Muslim. -

5. Na none bivuye kuri SAHLI MWENE Sa'ad, ngo Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "ABAYOBOTSE (Islam) NTIBAZAREKA KUBA MU NZIRA NZIZA (igororotse) IGIHE CYOSE BAZAJYA BIHATIRA GUSIBURUKA (vuba)."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

6. Bivuye kuri mwene Mâlik, ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "MUFATE KU FUNGURO RYA NYUMA (rya n'ijoro - idaku). (Kuko) RIRIMO UMUGISHA."

- Nayo yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

7. Bivuye kuri ABU Ayubu, ati: Intumwa y'Imana yaravuze, iti: USIBA UKWEZI KWA RAMADHÂNI, NYUMA AGAKURIKIZAHO IGISIBO CY'IMINSI ITANDATU (6) YA SHAWÂL*, AZAHEMBWA NK'UWASIBYE MU GIHE KITAGIRA IHEREZO."

- Iyi Hadith yakiriwe na Muslim. -

8. Bivuye kuri ABU THA'ALABA Al Khishmi, ati: Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: "MUBYUKURI, IMANA ISUMBA BYOSE, YADUSHYIRIYEHO IBITUGOMBA MURI QUORAN, NTIMUBISUZUGURE; YANADUSHYIRIYEHO IMBAGO, NTIMUZIRENGE; YABUJIJE IBINTU BIMWE, NTIMUBIKORE, IBINDI IRABICECEKA (irabyihorera), KUBERA IMBABAZI YABAGIRIYE, NTABWO AR'UKUBERA KWIBAGIRWA, NTIMUSHAKISHE IMPAMVU (yabigenje gutyo)."

- Iyi Hadith yakiriwe na Imam At-Tabrâni. -

* Ukwezi kwa Shawâl ni Ukwezi kwa cumi (10) mu mezi y'umwaka w'icyarabu.

UKO IGISIBO KIVUGWA MU MATEKA (Y'UBUYISLAMU)

Igihe umusomyi asoma impapuro zanditseho amateka y'ugutsinda kwa Islamu, ntashobora kwibanda gusa ku bihe bikuru by'ibyabaye, iby'ibirindiro n'ibisigo by'ubu - twari, byagiye biba mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhâni; no kuba ibyo byaragize uruhare rukomeye, m'ukwigisha abantu kugira ngo bamenye, Umuremyi wabo - Ni ashimwe kandi asingizwe!- hamwe no gukomeza ukwemera muri Islamu kw'imitima y'abayoboke.

K'ubushobozi bw'Imana, tugiye kubagezaho mu miro - ngo ikurikira hepfo, bimwe mu byabaye mu mateka ya Islamu, biri mu rwego rwo hejuru:

1. Ni mu kwezi kwa Ramadhâni, i Ghâr Hirâ (ubuvumo bw'ubushakashatsi*), i Makka, Quoran yahishuriwe bwa mbere uwasozereje Abahanuzi n'Intumwa (z'Imana) Muhammad mwene Abdullah - Imana imuhe amahoro n'umugisha!-
2. Ni mu kwezi kwa Ramadhâni, Abayislamu batsinze mu ntambara ya Badr ibitero by'ibihinza by'abacaga ukubiri n'ubutabera niby'ubusho toranyi kandi umubare w'Abayislamu wari muke ndetse n'intwari zabo

* Ubuvumo bwa Ghâr Hirâ bwiswe ubw'ubushakashatsi kuko ari muri bwo Intumwa y'Imana -I,I.A,U!- yiherezagamo kugira ngo atekereze ku buyobe (komeza k'urup. 94).

ari iza ntazo. Ibendera rya Islamu rizamurwa gutyo muri uko kwezi kwa Ramadhâni; nyuma yo kwimukira i Madina (Al Hijra).

3. Ni mu mwaka wa kabiri nyuma yo kwimukira i Madina (Al Hijra), mu kwezi kwa Ramadhâni, Zakât Al-Fitr (ituro ry'ibiribwa ritangwa igihe cyo gusiburuka) ryabaye itegeko ku Bayislamu kugira ngo ryoze roho (y'uwasibye) no gukomeza imigozi y'ubuvandimwe n'urukundo.
4. Ni mu kwezi kwa Ramadhâni, Imana Nyagasani yahaye Abayislamu n'Intumwa yabo ubushobozi bwo kwigarurira Umujyi wa Makka, kugira ngo bavane ingoro y'Imana (Al-Kaaba) mu maboko y'ababangikanya-Mana n'abapagani. Hari mu kwezi kwa Ramadhâni y'umwaka wa 8, bamaze kwimukira i Madina (Al Hijra).
5. Ibitabo by'amateka - Sîra - (bitugezaho iby'ubuzima cyangwa imibereho y'Intumwa y'Imana), bitumenyeshya y'uko hari abantu bageze i Makka baturutse i Taïf, mu kwezi kwa Ramadhâni, umwaka wa 9, Abayislamu n'Intumwa yabo bamaze kwimukira i Madina (Al Hijra), kugira ngo batange ubuhamya (Shahada) ko binjiye mw'idini rya Islamu. Abo bantu babaye imbarutso y'ingenga-mbaraga, yo gushyigikira (ubuyislamu) n'ugutsinda ku mpande zabo.
6. Uzasoma amateka y'ubuyislamu yose, azahishu - kirwa n'uko Abayislamu bigaruriye (bamaze gutsinda intambara) Ikirwa cya RODES - soma Rodesi-, mu

kwezi kwa Ramadhâni, umwaka wa 52, nyuma yo kwimukira i Madina (Al Hijra).

7. Umutware w'Umuyisumu TÂRIQ - soma Tariki - mwene Ziyâd yagabye igitero cy'injyana muntu arwanya Umwami RODRIGUE - soma Rodirige - aratsinda, mu kwezi kwa Ramadhâni, umwaka wa 92 nyuma yo kwimukira i Madina (Al-Hijra).
8. Umutware w'intwali SALAHEDINI Al-Ayoûbi yatsinze intambara yarwanaga n'abanya - Musaraba mu kwezi kwa Ramadhâni, mu mwaka wa 584 (nyuma y'ivuka ry'Intumwa Issa - YEZU - Imana imuhe amahoro n'umugisha!-).
9. Na none ni mu kwezi kwa Ramadhâni, mu mwaka wa 658, Abayisumu bahagaritse igitero cyari gikabije ubugome no gusenya cyari cyagabwe n'ingabo z'AB-ATARETARI.

* Bw'abantu ba Makka n'ab'isi. Ni no muri ubwo buvumo, yabishuriwe Quoran no kumenyeshwa ko azaba Intumwa y'Imana.

ISENGESHO MPAGAZI "TARAWIH"

(Salât Al-Qiyam)

Isengesho mpagazi (Salât Al-Qiyam - soma Salât Al-Kiyamu) ritegetswe ku bagabo n'abagore kandi rikorwa hagati y'isengesho rya nijoro (Salât l'Ishai) n'irya Wit. Rishobora kandi gukorwa ijoro rijigije.

Nkuko bivugwa na ABU Hurayira, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yabwirizaga ubutitsa abayoboke gukora isengesho mpagazi, ntiyategekaga kurikora. Yaravugaga, iti:

"UZASIBA (Ukwezi) KWA RAMADHÂNI AFITE UKWIZERA NO KWIRINGIRA (igihembo), AZABABARIRWA IBYAHA BYE BYOSE (yakoze)."

AiSHA nawe araturwira, ati:

"Ijoro rimwe, Intumwa y'Imana -I,I,A,U!"- yarasohotse maze ijya gusengera mu musigiti. Abayoboke babimenye nabo babigenza batyo. Bukeye, haboneka umubare munini w'abayoboke na none basenga nkuko Intumwa y'Imana yabigenje. Na none ku muni ukurikiye (bukeye bwaho), umubare w'abayoboke urushaho kuba munini, maze igihe Intumwa y'Imana ikoze Takbîra, nabo bayikora. Kw'ijoro rya kane (4), barongera baraterana bazi ko Intumwa y'Imana iri bwongere kuza mu musigiti, ariko ntiyaza. Bukeye bwaho, Intumwa y'Imana iza gusenga isengesho rya mu gitondo (Salât Fajr), nibwo yerekeye

abayoboke no kubabwira, iti: “NTABWO NARI NYO-BEWE KO MWARI HANO (mw’ijoro ryakeye), ARI-KO NATINYE KO ISENGESHO MPAGAZI (Salât Al-Qiyam) RYABA RIBAYE IRY’ITEGEKO KURI MWE (Faridha), ABENSHI MURI MWE MUTASHOBORA KURIKORA.”

– Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. –

Urwibutso: Ibyo byabaye mu gisibo cya Ramadhâni.

Abayisلامu bakomeje gukora isengesho mpagazi (Salât At-Tarawih), mu buryo bwo kwiherera (umuntu ku giti cye). Cyangwa mu buryo bw’igiterane cy’abantu benshi kugeza mu gihe cy’ubuyobozi bwa Khalifa OMAR mwene Khattâb*. Uyu, ijoro rimwe ryo mu kwezi kwa Ramadhâni, yagiye gusengera mu musigiti, maze nibwo avuze, ati: NDABONA BYABA BYIZA KURUSHAHO NKORANYIJE ABAYOBOKE BOSE BARI AHA INYUMA Y’UBUYOBOZI BW’UMUNTU UMWE UYOBORA AMASENGESHO (Imamu).”

Nibwo, akoresheje inama kugira ngo na bagenzi be nabo bagire icyo babivugaho, nabo barabye mera kuva icyo gihe, isengesho rya Tarawih, risengwa ari iry’imbaga (Jamâ’a). Ibyo byabaye mu mwaka wa 14 wa AL-Hijra.

Umuyobozi w’ubuyisلامu (Khalifa) OMAR mwene Khattâb yakusanyije abayoboke inyuma y’ubuyobozi bw’uwitwa OBAYY mwene Ka’ab, kuko yari yarafashe

* Khalifa OMAR mwene Khattâb - Imana imwishimire!- yayoboye ubuyisلامu n’abayisلامu ari uwa kabiri nyuma y’aho Intumwa y’Imana yitabiye Umuremyi.

mu mutwe Quoran mu gihe cy'Intumwa y'Imana. Khalifa OMAR mwene Khattâb ntiyakoraga isengesho mpagazi hamwe n'abayobokeye mu ntangiriro y'ijoro, ariko, ahubwo we yarikoraga mu mpera z'ijoro.

Na none, yigeze gusohoka mw'ijoro rimwe, asanga abayobokeye barimo gusenga; ariyamirira aravugaga, ati: "MBEGA IBINTU BISHYA!"

Nguko uko isengesho rya Tarawih ry'imbaga (Jamâ'a) ryabaye Sunna byemejwe n'abasangira ngendo, no gukurikizwa n'abayisilamu kuva icyo gihe kugeza n'ubuho.

Iryo sengesho rigizwe n'i Rak'a 13 (ibihagararo 13 cyangwa inyubamo 13), habariwemo na Witr. Umuyisilamu (ubishatse) ashobora kurenzaho, kuko biri mu rwego rwo kuramya (Ibâdat), no kuba abwirijwe gukora isengesho ku bwinshi uko imbaraga zibimushoboje.

Urwibutso: Abasangira ngendo, bakoraga iryo sengesho kugeza kuri Rak'a 23 harimo Witr.

Nkuko bivugwa na Imamu MÂLIK, ati: YAZID mwene Rumân yaravuze, ati: "Mu gihe cyo k'ubuyobozi bwa OMAR mwene Khattâb, abayobokeye bakoraga, iryo sengesho muri Ramadhâni mw'i Rak'a 23. Naho Khalifa AMRU mwene Al'Aziz yariyakoze muri Rak'a 22, hatarasesengesho mpagazi (Salât At-Ta-rawih) yagombaga gusoma (imirongo ya) Quoran bucece no mu cyubahiro, kandi iryo somwa yarigiraga rirerire iyo byabaga bitabangamiye abayobokeye bamukurikiye. Isomwa rya Quoran ryahagarikwaga ari uko ukwezi kwa Ramadhâni kwabaga kurangiye."

UMWIHERERO WO GUSENGA MU MUSIGITI - AL L'ITIQAf -

Al l'Itiqaf - soma Al'Itikafu -, mu rurimi rw'icyarabu - bisobanura igikorwa cyo kwihambira ku kintu no kutakirekura, n'ubwo cvaba ari cyiza cyangwa kibi. Imana Nyagasani, Isumba byose, yavuze mw'isurat yitiriwe 'ABAHANUZI', iti: "(Ibrahim) ABWIRA SE N'ABANTU B'UBWOKO BWE, ATI: "IBI BISHUSHANYO MUSENGA IGIHE CYOSE BIMAZE IKI - Bivuze iki?" Q.21;52.

Mw'Itegeko rya Islamu (Sharia), Al l'Itikafu bivuga: KWIHERERA mu rusengero (mu musigiti) no kugumamo mu mugambi wo kwiye gereza Imana Nyagasani, Isumba byose.

Al l'Itikafu ni ikibazo kiri muri Sharia. Koko rero, Intumwa y'Imana Muhammad -I,I,A,U!- yihereraga muri Ramadhâni mu gihe cy'iminsi cumi (10) - ya nyuma -. Mu mwaka yitabiyeho Umuremyi, yari yarakoze umwiherero wo gusenga w'iminsi 20. Abasangira ngendo Imana ibishimire! nabo bakoraga umwiherero wo gusenga. Uwo mwiherero wo gusenga ugizwe n'ibice bibiri:

1. Umwiherero ukomoka k'umugenzo w'Intumwa y'Imana (Sunna) -I,I,A,U!- no kuba uri mu gikorwa cy'in-yongera (kidategetswe) gikorwa mu rwego rwo kwiye-gereza Imana Nyagasani.

2. Umwiherero wa ngombwa (w'Itegeko) uri mu gikorwa cyo kwicuza, gikorwa mu rwego rw'umuhigo wifujwe (Nadhar).

Umuyisilamu yiyemeza kuwukora (kubera) Imana Nyagasani (Allah).

Ushobora gukorwa mu muhigo wifujwe utavuguruzwa (Nadhar Al-Mutlq - soma Naziri Al Mut'lak), ugafatwa muri aya magambo: "O MANA (yanjye)! NKUGOMBA UMWIHERERO WO... (ukongeraho icyo uwukoreye)", cyangwa umwiherero ukorwa kubera impamvu runaka, uvugwa muri aya magambo:

Urugero: "NIBA IMANA NYAGASANI IKIJIJE UMURWAYI WANJYE, NZAJYA (nzakora UMWIHERERO WO..."

NZAJYA (nzakora UMWIHERERO WO..."

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yaravuze, iti: UWO ARIWE WESE UZAFATA UMUGAMBI (Nadhar) KUBERA KUMVIRA (gutinya Imana Nyagasani), IMANA NYAGASANI NAYO IZAMWUMVIRA."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. -

Na none OMAR mwene Al-Khattâb yabwiye Intumwa y'Imana, ati: "Yewe Ntumwa y'Imana, nari naragize umugambi wo kumara ijoro rimwe mu mwiherero wo gusenga mu Ngoro Ntagatifu (Al-Kaaba)."

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- iramusubiza, iti: "NGAHO RERO, UZUZA (ubahiriza) UMUGAMBI WAVE."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri -

Inkingi z'umwiherero wo gusenga ni izi:

1. Umugambi.
2. Umusigiti.

Uwagize umugambi wo kwiherera mu rusengeru mu gihe cy'iminsi myinshi ariko muri yo akaba azasenga isengesho ryo ku wa gatanu (Ijuma'a), agomba kwiherera mu musigiti mukuru ahasanzwe hakorerwa iryo sengesho ryo ku wa gatanu. Ugize umugambi wo kwiherera umunsi umwe, cyangwa ushaka kwiherera ariko atagize umugambi, -Nadhar- (w'ingereka - Sunna) agomba gutangira kujya mu mwiherero mbere y'umuseke no kuwuvamo izuba rimaze kurenga.

Naho iyo ugize umugambi wo kujya mu mwiherero w'ingereka (Sunna), agomba kuwujyamo mbere y'uko izuba rirenga no kuwuvamo nyuma y'uko umuseke utambika.

Ibishobora konona umwiherero (Al l'Itikafu) ni ibi bikurikira:

1. Gusohoka mu musigiti n'iyi byaba ari iby'akanya gato, nta mpamvu igaragara (iyi atari ngombwa).
2. Igihe umugore ari mu mihango ya buri kwezi cyangwa ari mu gisanza.
3. Guhuza ibitsina byombi (umugabo n'umugore).

Uwari mu mwiherero ukaza kononekara ntagomba kwiyumvamo ko yubahirije ibyo yari yiyemeje. Koko rero, iyo ari umwiherero w'ingereka (Sunna), ni byiza kuri we gusubiramo umwiherero wononekaye; naho iyo ari umwiherero wo guhiga (Nadhar), agomba kuwusim-

bura (ni itegeko kuri we).

Uri mu mwiherero (Al Mu'atakif) afite uburenganzira bwo kurya no kunywa n'ubwo kuryama mu musigiti, kimwe n'ubwo kuwusohokamo, kubera impamvu zigaragara.

Na none afite uburenganzira bwo gusohoka mu musigiti kugira ngo aramukanye n'abayeyi be (cyangwa abandi bavandimwe be ba bugufi).

Byongeye kandi, ashobora kwiyo gosha, guca cyangwa guconganga inzara, kwisukura (kwiuhagira) no kwisiga amavuta ahumura (parfum-amarashi) no kwambara imyambaro myiza.

Cyokora, agomba kurushaho kwita gukora isengesho, gusoma Quoran, gutakambira cyane Imana Nyagasani no kuvuga ku bwinshi "Allahu Akbar" -Imana iruta byose-(TAKBîR).

IJORO RY'UBUGABE

IJORO RY'UBUGABE

Imvugo yo mu rurimi rw'icyarabu "AL QADR - soma Al Kadr-", idafite inyajwi ku nyuguti ya d, isobanura, ugusingizwa nkuko iri jambo ry'Imana isumba byose ribihamya mw'isurat yitiriwe "UBUSHYO" (nk'ubw'in-ka), iti:

"KANDI (mur'iyi Quoran) UBURIRE BAMWE BATINYA KO BAZAKORANYIRIZWA KWA NYAGASANI WABO, NTA WUNDI WO KUBARINDA KERETSE WE NTA N'USHOBORA KUBAKIZA; BABURIRE (utyo) KUGIRA NGO BASHOBORE KWIBOMBARIKA." Q.6;51.

Icyo iryo jambo rishaka kuvuga n'uko ijoro ry'ingabire rifite agaciro kanini (kari mu rwego rwo hejuru) kuko ari ryo joro Quoran yahishuwemo.

Cyangwa, bakoresha imvugo "AL QADAR -soma Al Kadar-" (ingabire), hamwe n'inyajwi "a" ikurikira inyuguti "d", no kuba iyo mvugo ijyana n'irindi jambo "Qadhâ" - soma Kazaa-. Icyo gihe bivuga rero: "Qadhâ wa Qadar" bisobanura "IBYAGENWE". Kuko muri iryo joro ingabire yigaragaje.

Imana Nyagasani isumba byose iravuga mw'isurat yitiriwe "Umwotsi", iti:

"HAA MIYM. NDAHIYE KURI IKI GITABO KIGARAGAZA BURI KINTU. MUBYUKURI TWAMAN-

UYE (Quoran) MU IJORO RY'IMIGISHA MYINSHI. MURI IRYO JORO HAMENYESHWA IBINTU BY'UBUGENGE (by'amageza bidasanzwe). KU ITEGEKO RYACU; MUBYUKURI NITWE TWOHEREJE INTUMWA ZIBAYOBORA. N'IMPUHWE ZITURUTSE KWA NYAGASANI Wawe; MUBYUKURI NIWE WUMVA KANDI NI NAQWE MUMENYI." Q.44;1-6.

Mubyukuri, iryo joro risumba andi majoro y'umwaka, nkuko Nyir 'Ubushobozi bwose gavuze mw'isurat yitiriwe "ITEGEKO-TEKA", ati; "MUBYUKURI TWAMAN-UYE QUORAN MW'IJORO RY'UBUGABE (Lailatul 'Qadri*). NI IKI CYAKU - MENYESHA IRYO JORO RY'UBUGABE? IJORO RY'UBUGABE RIRUTA AMEZI IGIHUMBI." Q.97;1-3.

Ni ijoro ryo mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhâni. Soma ijambo ry'Imana Nyagasani, Umunyabwenge uhebuje n'Umunyabugenge, mw'isurat yitiriwe "INKA", yaravuze, iti: "QUORAN YAHISHUWE MU KWEZI KWA RAMADHÂNI. NI UBUYOBOZI KU BANTU; N'IKIMENYETSO KIGARAGARA CY'UBUYOBOZI N'ITEGEKO." Q.2;185.

Iryo joro riboneka mu minsi 10 ya nyuma yo mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhâni.

AISHA - Imana imwishimire!- yaravuze, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yakoraga umwiherero wo mu rw-

* LAILATUL-QADR ni ijoro ryubahirizwe by'agahe buzo riboneka mu minsi 10 ya nyuma yo mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhâni.

ego rw'iyoboka-Mana mu musigiti mu minsi 10 ya nyuma y'ukwezi kwa Ramadhâni; akavuga, ati: "NI MUSHAKE IJORO RY'UBUGABE MU MINSI 10 YA NYUMA Y'UKWEZI KWA RAMADHANI."

– Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. –

Ni byiza kubahiriza iryo joro mu gusoma Quoran no gukora isengesho ku bwinshi.

Mwene ABU Hurayira aratubwira ko Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yavuze, iti: "UZASENGA MW'IJORO RY'UBUGABE (Lailatul-Qadr) ABIKUYE KU MUT-IMA (mu kwemera no kwiringira); AZAGORORERWA KUBABARIRWA IBYAHA BYE."

– Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. –

Ubwitonzi bubwiriza kubahiriza iryo joro, bukwiye kuba n'ubwo kwibutsa Umuyislamu urukundo Imana Nyagasani (Allah) yamanuye (kw'isi), muri iryo joro (Quoran Ntagatifu), kuyobora abantu kubera inyungu zabo hano kw'isi no kubera umunezero wabo mu buzima buzaza (bwo mw'ijuru).

Mu bisingizo bigomba kuvugwa muri iryo joro, twavugamo nk'ibi bikurikira:

"O NYAGASANI WANJYE!
URI UMUBABARIZI UHEBUJE,
UKUNDA KUBABARIRA,
RWOSE MBABARIRA!"

– Byakiriwe na Al-Bukhâri. –

**ITURO RYO KURANGIZA IGISIBO
(ZAKÂT AL-FITR)**

ITURO RYO KURANGIZA IGISIBO (ZAKÂT AL-FITR)

Nshuti basomyi, mubyukuri, ntagushidikanya ko mwaba mukibuka ko mu byiza by'igisibo (cya Ramadhâni) muri twe turimo abashoboye kugaburira abatishoboye, ibyo bikaba bikorwa n'abafite ubushobozi bw'ubunyabuntu no kuba abanyampuhwe. Niyo mpamvu iryo turo ryashyizweho mu gihe cyo gusiburuka.

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yemeje ko iryo turo ari ngombwa (kuritanga) kuri buri muyislamu wasibye ukwezi kwa Ramadhâni, (ibyo yabivuze mu mwaka wa 2 imaze kwimukira i Madina (Al-Hijra).

Niyo mpamvu mwene ABAS yavuze, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yategetse gutanga ituro ry'ibiribwa (Zakât al-Fitri) kugira ngo risukure igisibo cy'uwasibye, kubera amanjwe n'utundi twaha duto duto yakoze cyan-gwa yavuze kandi rikaba ari igeno ry'abakene. Iyo iryo turo ritanzwe mbere y'isengesho ryo ku munsu mukuru wo gusiburuka (EID EL-FITRI) riba ryemewe. Naho iyo ritanzwe nyuma y'iryo sengesho, ryemerwa nk'amaturu asanzwe (Sadaka)."

- Iyi Hadith tuyisanga mu Bitabo by'aba Sunna. -

Bivuye kuri KATHÎR mwene Abdallah, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yabajijwe kw'ijambo ritagatifu, mw'is-urat yitiriwe "USUMBA BYOSE" aho Imana Nyagasani

ivuga, iti: "MUBYUKURI HAHIRWA UWISUKUYE AKANASENGA (agasali)." Q.87;14-15.

Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- irabasubiza, iti: "IRYO JAMBO RYAHISHUWE KUBERA IMPAMVU Y'ITURO RY'IBIRIBWA (Fitri)."

– Iyi Hadith nayo iri mu Bitabo by'aba Sunna. –

Ituro ryo kurangiza igisibo (cya Ramadhâni) ni itegeko ku Muyislamu w'umugabo n'umugore, ababyeyi be n'abandi atunze. Keretse mu gihe abana be bamaze kuba bakuru no kuba bitunze, umubyeyi wabo (se ubabyara) aba atakigomba kubatangira iryo turo; ahubwo abo bana be nibo bagomba kuritanga ku ruhande rwabo (bakaryitangira). Naho ku bana b'abakobwa, ntibategetswe kuritanga igihe cyose bazaba batari bashaka (bakiri ingaragu); se ubabyara niwe ugomba kuribatangira. Ahubwo iyo bamaze kurongorwa, abagabo babo nibo bagomba kuribatangira. Umugore wubatse (washatse) ashobora, mu gihe abyishakiye, kwitangira ituro rya Fitri akaba ari we uryihera umukene yihitiyemo, n'umugabo we muri icyo gihe ntabwo ari ngombwa ko arimutangira.

Ahubwo, umugabo we, ashobora gutanga ituro rye rya Fitri akanaritangira umugore we, kuko ari ibimugomba/kurimutangira. Kimwe n'uko, ituro rya Fitri rishobora gutangirwa umunyamuryango wa bugufi udashobora gufatwa nk'aho ari we uhawe ituro.

IGABANYWA RY'ITURO RYA FITRI - UKO RITANGWA -

Itangwa ry'ituro (Zakât) bivuga kurigabanya "abo rigenewe". (Abo) bakaba barimo imigabane (ibice) umunani (8), dushingiye ku jambo ry'Imana Nyagasani aho ivuga, iti:

"ABAGENEWE GUHABWA KU MATURO (Zakât Al-Mal na Zakât Al-Fitri) NI ABA BAKURIKIRA:

1. ABATINDI, 2. ABAKENE, 3. ABASARUZI BAYO (abayegeranya), 4. ABAMENYEREZWA IDINI RYA ISLAM, 5. KUREKURA ABACAKARA BAKIGENGA, 6. GUFASHA ABAFITE IMYENDA (madeni) Y'UKURI BAKAYISHYURA, 7. ABAHARANIRA INZIRA Y'IMANA (Ababwiriza butumwa), 8. NO GUFASHA ABAGENZI BASHIRIWE N'IMPAMBA CYANGWA BAGIRIYE IBYAGO MU NZIRA. IRYO NI ITEGEKO RY'IMANA NYAGASANI, N'IMANA NYAGASANI NIYO IZI (ibyo mutazi) NI NAYO MU-NYABUGENGE!" Q.9;60.

Ibisobanuro:

1-2: "ABATINDI (Fukarâ) n'ABAKENE (Miskîn)":

Ni abantu bari mu makuba, abadafite ibyo kubatunga (ibyo kurya) bihagije n'ibyo kunywa, aho gucumbika, abafite ubushobozi buke bwo kubashoboza kugira aho

bajya (ngo bashake amafunguro), kwishyura igikoreshe cy'akazi n'ibindi...

3-: "ABASARUZI - abashinzwe gukusanya amaturo:"

Ni abasaruzi b'uwo musoro (Zakât Al-Mal na Zakât Al-Fitri); bagomba kuba ari abayislamu.

4-: "ABAGOMBA GUKOMEZWA (guterwa inkunga) m'ukwemera kwabo":

Ni abigishwa cyangwa abaterwa inkunga kugira ngo babe abayislamu.

5-: "KUBOHOZA ABACAKARA":

Kubohoza abacakara mu kwishyura mafaranga cyangwa ikindi kintu icyo aricyo cyose kugira ngo babohorwe.

6-: "GUFASHA ABAFITE IMYENDA (amadeni) YEMEWE":

Gutera inkunga abafashe imyenda (amadeni) badashobora kwishyura (kubera amikoro make basanganywe).

7-: "GUHARANIRA INZIRA Y'IMANA":

Intambara ntatifu (Jihâd), yo gutuma ijamba ry'Imana risakara hose, kurinda ahantu hatatifu, hamwe n'inyungu z'idini muri rusange, harimo n'ibwiriza butumwa bwa Islamu.

8-: "UMUGENZI":

Uri ku rugendo kandi akaba adashobora kurukomeza nta bufasha, birumvikana ko urwo rugendo rutagomba kuba ruri mu nzira yo gusuzugura Imana (mu nzira y'ubugande, n'ibindi...).

Ni kimwe n'uko atari itegeko ko ituro (Zakât) rigabanywa mu buryo bureshya hagati y'ibyo bice munani (8)

bigize abagomba kuyihabwa; bityo, igice kigaragaje ko cyihutirwa kurusha ibindi nicyo gihabwa umugabane hakurikijwe uko umugabane ukenewe ungana.

Byongeye kandi, ituro rya Fitri rishobora gusaranganywa abakene benshi nkuko na none ituro ryagombaga kugabanywa benshi rishobora guharirwa umukene umwe.

Ni byiza gutanga ituro rya Fitri nyuma y'isengesho rya mu gitondo (Salât Subhi) ku munsu mukuru wa Fitri (Eid Al-Fitri). Na none ni byiza ko iryo turo ritangwa mbere y'umunsu umwe ngo igisibo kirangire, kugira ngo uwo rigenewe aribonere igihe cya ngombwa (hakiri kare ngo ashake ibyo gusiburukiraho).

ALLY - Imana imwishimire!- yavuze ko ABBÂS yabajije Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- niba bishoboka gutanga ituro rya Fitri mbere y'uko igihe cyaryo cyo kuritanga kigera, icyo cyifuzo cyaremewe.

Ni kimwe, nkuko Al-Bukhâri avuga ko, abantu batangaga ituro rya Fitri umunsu umwe cyangwa ibiri mbere y'Umunsu Mukuru wo gusibu ruka (Eid Al-Fitri).

Byongeye kandi, ubukene cyangwa ukudashobora kwishyura amadeni ntibibuza gutanga ituro rya Fitri. Uwitabye Imana mbere y'uko izuba rirenga ku munsu wa nyuma wa Ramadhâni, ntabwo ategetswe gutangirwa ituro rya Fitri.

Agaciro ka Zakât Al-Fitri kangana "n'igipimo" cyitwa (SA'A), gihwanye na MODD enye (4) - Modd imwe ingana n'ibiribwa by'impeke biri ku mashyi ane (4) arambye y'imbera byombi, bikunda kuribwa n'abantu bo mu

gihugu (utanga ituro rya Fitri atuyemo).

Na none birashoboka gutanga ibingana n'igipimo (Sa'â) mu gaciro k'amafaranga (akoreshwa mu gihugu utanga ituro rya Fitri atuyemo), ayo mafaranga azagirira akamaro kanini uwarigenewe.

Ubundi, ni byiza ku mugenzi (uri ku rugendo) gutanga ituro rya Fitri mu gihugu asanzwemo (atuyemo), agatuma umuryango we kumutangira iryo yagombaga gutanga ku giti cye. Iyo atasize abisabye umuryango we kurimutangira, agomba kuryitangira mu gihugu agezemo, nabwo mu biribwa bisanzwe biribwa n'abantu bo muri icyo gihugu yagezemo (cyangwa yazindukiyemo).

Ubwo buryo bw'ituro bwiswe "ITURO RY'IBIRIBWA BASIBURUKIRAHU IGISIBO CYA RAMADHÂNI" (Zakât Al-Fitri) kuko ari itegeko kuritanga igisibo kirangiye, kuva igihe izuba rirengeye ryo ku muni wa nyuma wa Ramadhâni.

Bavuga ko ryiswe gutyo biturutse kw'isânô bifite hamwe na "FITRA" (kamere ya muntu); rikaba, mubyukuri, ari itegeko ku bantu no kuba atari ngombwa ku mitungo.

ISENGESHO RY'UMUNSI MUKURU WO GUSIBURUKA (SALÂT EID AL-FITRI)

Mu biranga amahuririo (ibiterane) mboneza mubano y'ibihugu n'ukwizihiza, muri buri kimwe muri ibyo bihugu, iminsi myinshi abaturage bagaragarizamo ibyishimo n'umunezero byabo.

ANAS mwene Malîk - Imana imwishimire! yaravuze, ati: "Intumwa y'Imana -I,I,A,U!- yageze i Madina aho abantu (baho) bari bafite iminsi (mikuru) ibiri bakoragamo imikino (bidagaduragamo). Irabaza, iti: "IYO MINSI IBIRI ISOBANURA IKI?" Baramusubiza, bati: niiminsi ibiri twakoragamo imikino mu gihe cyabanjirije ubuyisumu (cya Jâhiliya)." Nibwo Intumwa y'Imana -I,I,A,U,!- ibabwiye, iti: "IMANA NYAGASANI (ALLAH) IBAGURANIYE INDI MINSI (mikuru) IBIRI: UMUNSI MUKURU W'IGITAMBO (Eid Al-ADH'HÂ - soma Al-Adhihaa) N'UMUNSI MUKURU WO GUSIBURUKAHO IGISIBO CYA RAMADHÂNI Eid Al-Fitri)."

- Iyi Hadith yakiriwe na At-Tarmidhi. -

Umunsi mukuru w'igitambo (Eid Al-Adh'hâ) utuma Abayisumu bagaragaza ibyishimo byabo igihe cy'umutambagiro mutagatifu (Haji) kibibutsa - Igihe Intumwa y'Imana Ibrahim I.I.A.V. yemeraga kubahiriza itegeko

ory'iman - ryo gutanga igitambo umwana we yakundaga "ISMAIL".

Icyo gihe iyo kigeze buri mwaka, Abayislamu bazima kandi bafite ubushobozi bajya i Makka ahubatse Ingoro y'Imana (Al-Kaaba) gukora umutambagiye mutagatifu no kubaga amatungo nkuko uwo Mukambwe wacu yabikoze. N'abadafite ubushobozi bwo kujya i Makka, ku munsu w'igitambo nabo barabaga bagatanga ibitambo. Na none uwo munsu mukuru ubibutsa no kubagara - gariza uburinganire hagati y'abantu.

Isengesho ry'iyi minsi mikuru (Fitri na Adh'hâ), ni umugenzo (Sunna) k'umuntu utegetswe gukora isengesho ryo ku munsu wa gatanu (buri cyumweru).

Intumwa y'Imana yakoraga iryo sengesho rya (Fitri na Adh'hâ). Rikorwa hatabayeho ihamagara (Adhân) na Iqâma - soma ikaama.-

JABÎR mwene Abdallah yaravuze, ati: "Nasibonye n'Intumwa y'Imana iminsi mikuru ibiri, nta na rimwe higeze gutangwa adhân cyangwa iqâma."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri na Muslim. -

Iryo sengesho rigomba gukorwa mu gihe kiri hagati y'igihe izuba risa nk'aho riri kuri metero eshatu (m3) hejuru y'ibuhezamaso, igihe rirashe n'igihe rirenze.

Abayislamu bagomba, kwihutira, gukora isengesho ryo ku munsu mukuru w'igitambo hakiri kare, kugira ngo bashobore kubona uko bajya gutanga ibitambo.

Naho isengesho ryo ku munsu mukuru wo kurangiza igisibo cya Ramadhâni (Fitri), ryo, ni byiza kurikereza,

kugira ngo (abayislamu babone umwanya wo) gutanga ituro rya Fitri.

Isengesho ryo ku minsi mikuru yombi (Al-Adh'h ña Fitri) akorwa mu nyubamo 2 (Rak'a ebyiri); OMAR mwene Al-Khattâb yaravuze, ati: "ISENGESHO RYO KU MUNSI MUKURU W'IGITAMBO RIKORWA MURI RAK'A EBYIRI, KIMWE N'ISENGESHO RYO KU MUNSI MUKURU WO KURANGIZA IGISIBO CYA RAMADHÂNI."

- Iyi Hadith yakiriwe na AN-Nissâi. -

Uyobora iryo sengesho (Imamu) agomba gusoma mw'ijwi riranguruye i surat "Al-Fatiha", hamwe n'indi surat ngufi cyangwa umurongo (ayat) wa Quoran, kuri buri Rak'a.

Kuri Rak'a ya mbere, agomba, nyuma yo gutanga Takbîrat -Al-Ihrrâm (kuvuga ngo "IMANA IRUTA BYOSE! - ALLAHU AKBAR!") amaze gutangiza isengesho, na mbere yo gusoma (Surat Al-Fatiha), akavuga izindi Takbîrat 7 - ALLAHU AKBAR - (inshuro 7).

Kuri Rak'a ya kabiri, agomba, nyuma ya Takbîrat -Al-Qiyâm-soma Al-Kiyaam (Takbîrat yo guhagarara avuye kubama) na mbere yo gusoma surat Al-Fatiha, kongera kuvuga izindi takbîrat eshanu (5).

Takbîrat (gusubiramo aya magambo -"IMANA ISUMBA BYOSE!"), agomba kuvugwa akurikiranyijwe no kuvugwa muri aya magambo: "ALLAHU AKBAR!". Nyuma y'isengesho, Imamu yurira kuri "Al-Min'bar" (umwanya witaruye uri imbere y'abayobokeye), agatanga

inyigisho zerekeye umunsi mukuru, mu rwego rwo kubwiriza abayoboke no kubagira inama, ari nako abasobanurira ubwitonzi (ubugenge) bugomba kuranga uw munsi mukuru, kandi akanabakangurira kwihanganirana, gufatanya n'urukundo.

Inyigisho yo ku munsi mukuru (Khut-bât-Al-Aïd) ikorwa kimwe n'iyi mw'isengesho ryo ku munsi wa gatanu; igizwe n'inyigisho zitangwa kabiri (Khut-bât ya mbere n'iya kabiri).

Imamu ashobora gutangiza buri Khut-bât na Takbîr, cyangwa gusingiza Imana, nkuko bikorwa mw'isengesho ryo ku wa gatanu.

Isengesho ryo ku munsi mukuru w'Ilayidi (Salât Al-Aïd) ni ngombwa ko rikorerwa ahantu hitaruye kandi hatubatse, kereka iyo imiterere y'ikirere idatuma bishoboka; icyo gihe, nibwo iryo sengesho rikorerwa mu misigiti. Kimwe n'uko, ari byiza ko mu nzira Imamu anyuzemo agiye ahari bubere isengesho ryo ku munsi mukuru w'Ilayidi (ku musigiti cyangwa ahandi...) atari yo ari bunyuremo atashye.

Bivuye kuri ABU Hurayira yaravuze, ati: "Ku munsi mukuru, Intumwa y'Imana yanyuraga mu yindi nzira atashye."

– Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhâri. –

Naho ALLIY mwene Abittâlib yaravuze, ati: "NI MU MUGENZO W'INTUMWA Y'IMANA -I, I, A, U!- (Sunna) KUVA MU RUGO KU MUNSI MUKURU

UGENDA N'AMAGURU, NO KUBA WAGIZE ICYO UFUNGURA MBERE."

- Iyi Hadith yakiriwe na At-Tarmidhi. -

Ku munsu w'igitambo, Abayislamu, bagomba gukora Takbîr nyuma ya buri sengesho ry'itegeko (Fâridha), kuva nyuma ya saa sita kugeza igihe cy'isengesho rya mu gitondo (Salât Subhi) ryo ku munsu wa kane (4) ukuri - kira umunsu mukuru. Iyo Takbîr igomba kuvugwa muri ubu buryo: "ALLAHU AKBAR" (Imana iruta byose) inshuro 2, "LA ILÂHA ILA LLAH" (Nta yindi Mana ibaho uretse imwe Rukumbi - Allah -).

Na none, ni byiza ku Bayislamu, kwisukûra (kwiyuha-gira), kwisiga amavuta ahumura (amarashi) no kwambara imyambaro myiza cyane.

ANÂS mwene Malîk aravuga, ati: "Intumwa y'Imana yadutegekaga kwambara, imyambaro yacu myiza cyane, no kwisiga amavuta ahumura neza (amarashi meza), no gutanga mu byo twari dufite byiza (bifite agaciro); ku minsi mikuru ibiri."

- Iyi Hadith yakiriwe na Al-Bukhârî. -

Na none, ni byiza ku muyislamu gushimira umuvandimwe we ku munsu mukuru, muri aya magambo:

"IMANA NYAGASANI - Allah - ITWISHIMIRE WO-WE NANJYE", no kwibuka gusura abaturanyi, inshuti n'abo mu muryango wawe no gushimisha ababyeyi bawe no kubazanira bo n'umuryango bose, ibishimo n'umunezero.

UMUSOZO

KW'IZINA RY'IMANA NYIR'IMPUHWE NYIR'IMBABAZI

Ndatakambira Imana Nyagasani, yo Muhanzi n'Umur-emyi w'ibiremwa byose (ibigaragara n'ibitaragara), ngo uyu murimo nakoze uzagire akamaro no guha inyungu nyinshi y'ubumenyi, abasomyi, kugira ngo ibikubiye muri iki gitabo "AMATEGEKO Y'IGISIBO" bizashobore gucengera neza abafite imigambi myiza - niyat nziza - n'imitima ihora irangamiye kumvira Imana Nyagasani Usumba byose.

Kandi ndizera yuko abasomyi b'iki gitabo batazabura kunyunganira igihe bazaba bamaze kugisoma no kugira icyo bakivugaho ntaho babogamiye cyane.

Ku basanzwe basobanukiwe ku ibyanditsemo, igice cyasobanuwe mu mvugo itari yo, bazibuke ko ndi umuntu nkabo, kandi guhindura igitabo "LES PRECEPTES DU JEÛNE" cyanditswe n'umuva ndimwe muri Islamu KAMAL ALI AL MOUNTASAR, gicapishwa n'umuryango Mpuzamahanga w'Ibwiriza butumwa bwakiislam (A.M.A.i) wo mu gihugu cya Libya; umugambi wanjye wari ushingiyeye k'ugushaka gushyira ahagaragara inyigisho zigamije kwigisha abavuga n'abumva urulimi rw'ikinyarwanda.

Imamu MALÎK yaravuze, ati:
"Ndi ikiremwa muntu: nshobora kwibeshya, nkuko nsho-

bora kuba mfite ukuri; mujye mubanza musuzume igitekerezo ntanze.

Niba gihuje na Quoran na Sunna, muzajye mugikurikiza. Kandi niba kinyuranyije nabyo, mujye mukireka."

Iki gitabo rero, nagisobanuye mu rulimi rwacu, ntekereza abavandimwe banjye muri Islamu bifuza kumanya neza imwe mu nkingi idini rya Islamu ryubatseho kugira ngo bazashobore kwizera neza ko ibyo bakora mu rwego rw'iyoboka - Mana bizatuma bagera kuri Allah Nyir'Impuhwe na Nyir'imbabazi nyinshi.

Imana Nyagasani (Allah) ishobora byose, niyo Yonyine Muyobozi wacu, ituyobora mu nzira igororotse.

ABDUL KARIM Ngomanzungu.

Kigali, ku wa 17/01/1992M.

Bihwanye no ku wa 13 Rajab 1412H.